<p><u>Ingingo ya 4: Uburenganzira bwa nyir'ubutaka ku hantu hatangiwe uruhushya</u></p> <p>(1) Nyir'ubutaka cyangwa undi wese ubufiteho uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko, abufiteho uburenganzira hakurikijwe amategeko abigenga.</p> <p>(2) Iyo ubutaka bugaragayemo amabuye y'agaciro, mbere y'uko umuntu wahawe uruhushya atangira ibikorwa bye byo gucukura aha indishyi ikwiye nyir'ubutaka cyangwa undi wese ubufiteho uburenganzira mu buryo</p>	<p><u>Article 4: Rights of land owner in a licensed area</u></p> <p>(1) The land owner or any other lawful occupier has full rights on that land in accordance with the relevant legislation.</p> <p>(2) In case there is a discovery of mineral deposit on any land, before the licence holder commences the mining operations, he or she provides the land owner or a lawful occupier with a fair compensation.</p>	<p><u>Article 4 : Droits du propriétaire foncier sur une zone sous permis</u></p> <p>(1) Le propriétaire ou occupant légitime de la terre a plein droit sur cette terre conformément à la législation en la matière.</p> <p>(2) Lorsqu'un gisement minéral est découvert sur une terre avant que le titulaire d'un permis ne commence ses activités d'exploitation, il donne au propriétaire foncier ou un occupant légitime une juste indemnisation.</p>

<p>bwemewe n'amategeko.</p> <p>(3) Iyo umuntu wahawe uruhushya atanze indishyi ikwiye kuri nyir'ubutaka, ubwo ubutaka bwandikwa kuri Leta.</p> <p>(4) Iyo ubutaka butanzweho uruhushya rw'ibikorwa by'ubushakashatsi cyangwa kariyeri, umuntu wahawe uruhushya agirana amasezerano y'ubukode yanditse na nyir'ubutaka cyangwa undi wese ubufiteho uburenganzira mu buryo bwemewe n'amategeko. Iyo ibikorwa birangiye nyir'ubutaka arabusubirana.</p>	<p>(3) When a licence holder provides the land owner with a fair compensation, the acquired land is registered to the State.</p> <p>(4) In case the land is subject to an exploration or quarry operations licence, the licence holder concludes a written lease contract with the land owner or a lawful occupier. When mineral exploration or quarry operations are completed, the land is handed back to the owner.</p>	<p>(3) Lorsque le titulaire d'un permis donne au propriétaire foncier une juste indemnisation, la terre acquise est enregistrée à l'Etat.</p> <p>(4) Lorsque la terre est placée sous le régime du permis des opérations d'exploration ou d'exploitation de carrière, le titulaire d'un permis conclut un contrat de bail avec le propriétaire foncier ou un occupant légitime. Quand l'exploration minière ou l'exploitation de carrière est terminée, la terre est restituée au propriétaire foncier.</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Kugaragaza indiri z'amabuye y'agaciro</u></p> <p>(1) Urwego rubifitiye ububasha rugaragaza ahagaragaye indiri z'amabuye y'agaciro ashobora gucukurwa ku buryo bubyara inyungu.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena amazina y'indiri z'amabuye y'agaciro, ibipimo ndangahantu n'ibisabwa kugira ngo hakorerwe ubushakashatsi n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p>	<p><u>Article 5: Demarcation of potential mining areas</u></p> <p>(1) The competent organ demarcates potential mining areas which are economically viable.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the names of potential mining areas, their geographic coordinates and conditions for mineral exploration and exploitation.</p>	<p><u>Article 5: Localisation des zones potentielles des minerais</u></p> <p>(1) L'organe compétent identifie les zones potentielles des minerais qui peuvent être exploités et qui sont économiquement viables.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent déterminent les noms, les coordonnées géographiques et les conditions requises pour l'exploration et exploitation minière.</p>

<p><u>Ingingo ya 6: Ishyirwaho rya Komite</u></p> <p>(1) Hashyizweho Komite ishinzwe gusesengura ubusabe bw'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena imiterere ya Komite, abayigize n'imikorere yayo.</p>	<p><u>Article 6: Establishment of the Committee</u></p> <p>(1) There is established a committee in charge of assessment of applications for mining exploitation and quarry operations licences.</p> <p>(2) An Order of the Prime Minister determines the structure, membership and functioning of the Committee.</p>	<p><u>Article 6 : Création du Comité</u></p> <p>(1) Il est créé un comité chargé d'examiner les dossiers de demande de permis d'exploitation minière et de carrière.</p> <p>(2) Un arrêté du Premier Ministre détermine la structure, la composition et le fonctionnement du Comité.</p>
<p><u>UMUTWE WA II: URUHUSHYA RW'IBIKORWA BY'UBUCUKUZI BW'AMABUYE Y'AGACIRO</u></p>	<p><u>CHAPTER II: LICENCE FOR MINING OPERATIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : PERMIS DES OPERATIONS MINIERES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 7: Ubwoko bw'impushya z'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</u></p> <p>(1) Ubwoko bw'impushya z'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ni ubu bukurikira:</p> <p>(a) uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi;</p> <p>(b) Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro mu –</p> <p>(i) kirombe gito;</p>	<p><u>Article 7: Types of licences of mining operations</u></p> <p>(1) Types of licences of mining operations are the following:</p> <p>(a) exploration operations licence ;</p> <p>(b) mining licence for –</p> <p>(i) small-scale mining;</p>	<p><u>Article 7 : Types des permis des opérations minières</u></p> <p>(1) Les types de permis des opérations minières sont les suivants :</p> <p>(a) permis des opérations d'exploration ;</p> <p>(b) permis d'exploitation minière pour–</p> <p>(i) l'exploitation minière à petite échelle ;</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>(ii) kirombe giciriritse;</p> <p>(iii)cyangwa mu kirombe kinini;</p> <p>(c) uruhushya rwo gucuruza amabuye y’agaciro;</p> <p>(d) uruhushya rwo gutunganya amabuye y’agaciro.</p> <p>(2) Amabwiriza y’Urwego rubifitiye ububasha ashiraho ibigenderwaho mu gushyira ibirombe mu byiciro.</p> <p><u>Ingingo ya 8:</u> Ingano y’ahantu hatangirwa uruhushya rw’ibikorwa by’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro</p> <p>(1) Ahantu hatangirwa uruhushya rw’ibikorwa by’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro ni ahantu hagizwe n’igipande kimwe cyangwa byinshi biri hamwe. Buri gipande ntikirenza ingano zikurikira:</p> <p>(a) ha 400 ku ruhushya rwo gukora ibikorwa by’ubushakashatsi;</p> <p>(b) ha 50 ku ruhushya rwo gucukura amabuye y’agaciro mu kirombe gito;</p>	<p>(ii) medium-scale mining; or</p> <p>(iii)large scale mining;</p> <p>(c) mineral trading licence;</p> <p>(d) mineral processing licence.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the criteria for categorisation of mines.</p> <p><u>Article 8:</u> Size of area subject to mining operations licence</p> <p>(1) The area subject to mining operations licence consists of one or more contiguous blocks. The maximum size for each block is as follows:</p> <p>(a) 400 ha for an exploration operations licence;</p> <p>(b) 50 ha for a small-scale mining licence;</p>	<p>(ii) l’exploitation minière à moyenne échelle ; ou</p> <p>(iii)l’exploitation minière à grande échelle ;</p> <p>(c) permis de commerce minier ;</p> <p>(d) permis de traitement de minerais.</p> <p>(2) Les règlements de l’organe compétent déterminent les critères de catégorisation des mines.</p> <p><u>Article 8 :</u> Dimension d’un périmètre faisant l’objet d’un permis des opérations minières</p> <p>(1) Le périmètre faisant l’objet d’un permis des opérations minières est composé d’un ou plusieurs blocs contigus. Chaque bloc a une dimension maximale suivante:</p> <p>(a) 400 ha pour un permis des opérations d’exploration ;</p> <p>(b) 50 ha pour un permis d’exploitation minière à petite échelle ;</p>
---	---	--

<p>(c) ha 100 ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro mu kirombe giciriritse;</p> <p>(d) ha 400 ku ruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro mu kirombe kinini.</p> <p>(2) Buri gipande gitangirwa raporo ukwacyo hakurikijwe igenamigambi ryateguwe.</p>	<p>(c) 100 ha for a medium- scale mining licence;</p> <p>(d) 400 ha for a large- scale mining licence.</p> <p>(2) Each block is reported on independently in accordance with business plan.</p>	<p>(c) 100 ha pour un permis d'exploitation minière à moyenne échelle ;</p> <p>(d) 400 ha pour un permis d'exploitation minière à grande échelle.</p> <p>(2) Chaque bloc fait l'objet d'un rapport indépendant conformément au plan d'affaires.</p>
<p><u>Ingingo ya 9: Gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no gutanga igisubizo</u></p> <p>(1) Umuntu ushaka uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro abisaba Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Ubusabe bw'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro n'igisubizo kuri bwo binyuzwa muri <i>One Stop Center</i>.</p> <p>(3) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha akena uburyo n'ibisabwa mu gusaba uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p>	<p><u>Article 9: Mining licence application and issuing the response</u></p> <p>(1) An applicant for a mining licence addresses his or her application to the competent organ.</p> <p>(2) An application for a mining license and the response thereto are transmitted through the <i>One Stop Center</i>.</p> <p>(3) Regulations of the competent organ determine modalities and requirements for a mining licence application.</p>	<p><u>Article 9 : Demande d'un permis d'exploitation minière et délivrance de la réponse</u></p> <p>(1) Le demandeur d'un permis d'exploitation minière adresse sa demande à l'organe compétent.</p> <p>(2) Une demande de permis d'exploitation minière et la réponse y afférente sont transmises via le <i>One Stop Center</i>.</p> <p>(3) Les règlements de l'organe compétent définissent les modalités et conditions requises de demande d'un permis d'exploitation minière.</p>

<p><u>Ingingo ya 10:</u> Guhabwa uruhushya binyuze mu ipiganwa risesuye</p> <p>(1) Urwego rubifitiye ububasha rushobora guhamagarira binyuze mu ipiganwa risesuye abifuza uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi cyangwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena uburyo n'ibisabwa mu kubona uruhushya binyuze mu ipiganwa risesuye.</p>	<p><u>Article 10:</u> Acquiring licence through open competition</p> <p>(1) the competent organ may call for application, through open competition, for exploration or mining operations licence.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine modalities and requirements for acquisition of licence through open competition.</p>	<p><u>Article 10 :</u> Acquisition d'un permis à travers une concurrence ouverte</p> <p>(1) L'organe compétent peut lancer un appel de demande de permis des opérations d'exploration ou d'exploitation minière, à travers une concurrence ouverte.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent définissent les modalités et conditions requises d'acquisition d'un permis à travers une concurrence ouverte.</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</p> <p>(1) Uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rutangwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Mu gutanga uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, Urwego rubifitiye ububasha rushingira ku myanzuro ya Komite ishinzwe gusesengura ubusabe bw'impushya z'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri.</p> <p>(3) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena imiterere n'ibikubiye</p>	<p><u>Article 11:</u> Granting of a mining licence</p> <p>(1) A mining licence is granted by the competent organ.</p> <p>(2) For granting the mining licence, the competent organ considers the recommendation of the Committee in charge of assessment of applications for mining exploitation and quarry operations licences.</p> <p>(3) Regulations of the competent organ determine the format and content of a</p>	<p><u>Article 11 :</u> Octroi d'un permis d'exploitation minière</p> <p>(1) Le permis d'exploitation minière est délivré par l'organe compétent.</p> <p>(2) Lors de l'octroi d'un permis d'exploitation minière, l'organe compétent prend en considération la recommandation du Comité chargé d'examiner les dossiers de demande de permis d'exploitation minière et de carrière.</p> <p>(3) Les règlements de l'organe compétent déterminent le format et le contenu du</p>

<p>mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 12:</u> Ibibujijwe mu itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</p> <p>(1) Urwego rubifitiye ububasha ntirushobora gutanga uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ahantu hatangiwe urundi ruhushya. icyakora, Urwego rubifitiye ububasha rushobora guha undi muntu uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro y'ubundi bwoko ahantu hasanzwe haratangiwe uruhushya mu nyungu z'Igihugu.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ntashobora gucukura ubundi bwoko bw'amabuye y'agaciro aho yaherewe uruhushya atabyemerewe n'Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p><u>Ingingo ya 13:</u> Igihe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara</p> <p>(1) Uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi rumara igihe fatizo kitarenze imyaka ine.</p>	<p>mining licence.</p> <p><u>Article 12:</u> Restrictions on the granting of a mining licence</p> <p>(1) The competent organ cannot issue a mining licence in respect of an area of land covered by another existing mining licence of similar type. However, the competent organ may, for the purpose of national interests, authorise another person to carry out exploration operations of other type of minerals in an area already covered by a licence.</p> <p>(2) A holder of a mining licence cannot extract another type of mineral in the licenced area without a prior authorisation of the competent organ.</p> <p><u>Article 13:</u> Duration of a mining operations licence</p> <p>(1) An exploration operations licence is valid for an initial period not exceeding four years.</p>	<p>permis d'exploitation minière.</p> <p><u>Article 12 :</u> Restrictions à l'octroi d'un permis d'exploitation minière</p> <p>(1) L'organe compétent ne peut pas accorder un permis d'exploitation minière sur un périmètre faisant l'objet d'un autre permis d'exploitation minière de même type. Toutefois, aux fins d'intérêts nationaux, l'organe compétent peut autoriser à toute autre personne d'effectuer des opérations d'exploration d'un autre type de minerais dans un périmètre déjà faisant l'objet d'un permis.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis d'exploitation minière ne peut pas extraire un autre type de minerais dans la zone couverte par le permis sans autorisation préalable de l'organe compétent.</p> <p><u>Article 13 :</u> Durée d'un permis des opérations minières</p> <p>(1) Un permis des opérations d'exploration est valable pour une période initiale ne dépassant pas quatre ans.</p>
---	---	--

<p>(2) Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro rumara igihe fatizo kitarenze imyaka 15.</p> <p>(3) Igihe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumara kigenwa hashingiwe ku nyigo na gahunda by'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga byashyikirijwe bikanemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>(2) A mining licence is valid for an initial period not exceeding 15 years.</p> <p>(3) The duration of a mining operations licence is determined based on a feasibility study and the project implementation program submitted and approved by the competent organ.</p>	<p>(2) Un permis d'exploitation minière est valable pour une période initiale ne dépassant pas 15 ans.</p> <p>(3) La durée d'un permis des opérations minières est déterminée sur base de l'étude de faisabilité et du plan d'exécution du projet soumis et approuvés par l'organe compétent.</p>
<p><u>Ingingo ya 14: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</u></p>	<p><u>Article 14: Application for renewal of a mining operations licence</u></p>	<p><u>Article 14 : Demande de renouvellement d'un permis des opérations minières</u></p>
<p>(1) Inyandiko isaba kongererwa igihe cy'uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi ishyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha mu buryo bugenwa n'amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha, igomba kuba irimo:</p> <p>(a) raporo y'ibikorwa by'ubushakashatsi byakozwe kugeza igihe isaba rikorewe n'ikiguzi cyabitanzweho;</p> <p>(b) raporo irambuye y'ibikorwa byakozwe ku gice cy'ahatangiwe uruhushya iherekejwe</p>	<p>(1) An application for renewal of an exploration operations licence is submitted to the competent organ in line with the modalities prescribed by regulations issued by the competent organ and must include:</p> <p>(a) a report on the exploration operations carried out as of the date of the application and associated costs;</p> <p>(b) a detailed report of the operations carried out over any portion of the licence area accompanied by the</p>	<p>(1) La demande de renouvellement d'un permis des opérations d'exploration minière est soumise à l'organe compétent suivant les modalités prescrites par les règlements de l'organe compétent et doit comprendre :</p> <p>(a) un rapport sur les opérations d'exploration minière réalisées à la date de la demande et les coûts y afférents ;</p> <p>(b) un rapport détaillé des opérations effectuées sur une quelconque portion du périmètre visé par le permis accompagné</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>n'ibiyagaragajwe, imibare, isesengura n'ibisobanuro byayo;</p> <p>(c) gahunda y'ibikorwa biteganyijwe mu gihe cy'inyongera n'ikiguzi kizabigendaho;</p> <p>(d) igishushanyo kigaragaza igice gisabirwa kongererwa igihe.</p> <p>(2) Uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi rushobora kongererwa igihe inshuro imwe mu gihe kitarenze imyaka ine kandi uwaruhawe ashobora gusabwa gusubiza igice cy'ahantu hatangiwe uruhushya.</p> <p>(3) Iyo ari uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro, inyandiko isaba kongererwa igihe ishyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha mu gihe kitarenze iminsi 90 mbere y'uko igihe yahawe kirangira kandi igaherekezwa n'ibisobanuro birambuye ku:</p> <p>(a) ngano y'amabuye y'agaciro azwi, ashobora kuboneka, cyangwa akekwa yemejwe n'impuguke yigenga yishyurwa n'usaba kandi</p>	<p>results, data, analysis and interpretation thereof;</p> <p>(c) a programme of operations to be carried out during the period of renewal and the estimated cost thereof;</p> <p>(d) a plan identifying the part of the licence area for which renewal is sought.</p> <p>(2) An exploration operations licence may be renewed once for a period not exceeding four years and a licence holder may be requested to relinquish a part of the licensed area.</p> <p>(3) In case of a mining licence, an application for renewal is submitted to the competent organ within a period not exceeding 90 days before the expiration of the licence and includes a statement giving details of:</p> <p>(a) the proved, estimated or inferred mineral reserves verified by an independent consultant at the cost of</p>	<p>des résultats, des données, de leur analyse et interprétation ;</p> <p>(c) le programme d'activités à réaliser au cours de la période de renouvellement et les coûts y afférents ;</p> <p>(d) un plan indiquant la partie du périmètre du permis pour laquelle le renouvellement est demandé.</p> <p>(2) Un permis des opérations d'exploration peut être renouvelé une fois pour une période ne dépassant pas quatre ans et le titulaire du permis peut être obligé de renoncer à une partie du périmètre faisant objet du permis.</p> <p>(3) Dans le cas d'un permis d'exploitation minière, une demande de renouvellement est adressée à l'organe compétent dans un délai ne dépassant pas 90 jours avant l'expiration du permis et doit en outre comprendre une déclaration détaillée sur :</p> <p>(a) les réserves de minerais prouvées, estimées ou probables vérifiées par un expert indépendant aux frais du</p>
--	---	---

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>akemezwa n'Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(b) mutungo uzashorwa, ikiguzi cy'ibikorwa by'ubucukuzi n'umutungo uzinjizwa mu gihe cy'inyongera;</p> <p>(c) bikorwa by'ubucukuzi biteganyijwe mu gihe cy'inyongera;</p> <p>(d) ibishobora guhinduka mu buryo bwo gucukura no gutunganya ibyavuye mu bucukuzi;</p> <p>(e) ingaruka zishobora kuba ku mibereho y'abaturage cyangwa ku bidukikije n'ingamba ziteganywa kugira ngo zikurweho n'indishyi ziteganywa.</p> <p>(4) Uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro rushobora kongererwa igihe inshuro zirenze imwe iyo bibaye ngombwa ariko buri nshuro ntirenze imyaka 15.</p> <p>(5) Iyo umuntu wahawe uruhushya yujuje ibisabwa bivugwa muri iyi ngingo kandi akaba yarashyize neza mu bikorwa gahunda y'ubucukuzi</p>	<p>the applicant and approved by the competent organ;</p> <p>(b) capital investment to be made, mining activities costs and revenue forecasts in respect of the period of renewal;</p> <p>(c) mining activities proposed to be carried out in the period of renewal;</p> <p>(d) any expected changes in the method of extraction and processing of mining products;</p> <p>(e) likely social and environmental impacts as well as proposed mitigation and compensation measures.</p> <p>(4) The mining licence is renewable more than one time when considered necessary but each time does not exceed 15 years.</p> <p>(5) Where the holder of a licence has satisfied the criteria referred to under this Article and well implemented the programme of mining operations or</p>	<p>demandeur et approuvées par l'organe compétent ;</p> <p>(b) le capital à investir, les coûts des activités minières et les prévisions de recettes au titre de la période de renouvellement ;</p> <p>(c) les activités minières proposées au cours de la période de renouvellement ;</p> <p>(d) les changements prévus dans la méthode d'extraction et de traitement des produits miniers ;</p> <p>(e) les impacts sociaux et environnementaux probables ainsi que les mesures prévues pour y remédier et les indemnisations prévues.</p> <p>(4) Le permis d'exploitation minière est renouvelable plus d'une fois si nécessaire, mais chaque fois ne dépasse pas 15 ans.</p> <p>(5) Lorsque le titulaire du permis a satisfait aux critères visés au présent article et a bien exécuté le programme d'exploitation ou d'exploration minière, l'organe compétent</p>
---	--	--

<p>cyangwa iy'ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro, Urwego rubifitiye ububasha rumwongerera igihe cy'uruhushya.</p> <p><u>Ingingo ya 15: Kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</u></p> <p>(1) Kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bikorwa hahinduwe cyangwa hadahinduwe ibyateganywaga n'uruhushya rusabirwa kongererwa igihe.</p> <p>(2) icyemezo ku busabe bwo kongerera igihe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro kimenyeshwa mu nyandiko umuntu wasabye uruhushya mu gihe cy'iminsi 60 ibarwa uherye igihe ubusabe bwakiriwe.</p> <p>(3) Iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rurangiye mu gihe icyemezo ku busabe bwo kurwongerera igihe kitarafatwa, usanganywe uruhushya akomeza gukora ibikorwa bye by'ubucukuzi kugeza igihe icyo cyemezo gifashwe kandi kikamenyeshwa uwasabye.</p>	<p>exploration, the competent organ renews his or her licence.</p> <p><u>Article 15: Renewal of a mining licence</u></p> <p>(1) The renewal of a mining licence is made with or without changes to the terms and conditions of the original licence.</p> <p>(2) The decision on an application for renewal of mining licence is notified to the applicant in writing within 60 days from the date of receipt of the application.</p> <p>(3) In case a mining licence expires before a decision on application for renewal is made, the licence holder is entitled to continue the mining activities until a decision is made and notified to the applicant.</p>	<p>renouvelle son permis.</p> <p><u>Article 15 : Renouvellement d'un permis d'exploitation minière</u></p> <p>(1) Le renouvellement du permis d'exploitation minière est effectué avec ou sans modification des termes et conditions du permis faisant l'objet de renouvellement.</p> <p>(2) La décision sur la demande de renouvellement d'un permis d'exploitation minière est notifiée au demandeur par écrit endéans 60 jours de la réception de la demande.</p> <p>(3) Lorsqu'un permis d'exploitation minière arrive à terme avant que la décision sur la demande de renouvellement ne soit prise, le titulaire continue à effectuer ses activités minières jusqu'à ce que la décision sur sa demande soit prise et notifiée au demandeur.</p>
--	--	---

<p>(4) Iyo ubusabe bwo kongerera igihe uruhushya butemewe, usanganywe uruhushya ahabwa igihe cyo guhagarika ibikorwa bye kigenwa n'Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>(4) In the event of a refusal to renew the licence, the licence holder is given a notice period determined by the competent organ to close the mining activities.</p>	<p>(4) En cas de refus de la demande de renouvellement d'un permis, le titulaire du permis bénéficie d'un préavis déterminé par l'organe compétent pour clôturer ses activités.</p>
<p>Ingingo ya 16: Guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</p>	<p>Article 16: Transfer of a mining licence</p>	<p>Article 16 : Transfert du permis d'exploitation minière</p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro afite uburenganzira bwo guhererekanya urwo ruhushya atanga imigabane ye yose cyangwa igice cyayo. icyakora, umuntu wahawe uruhushya ntashobora guhererekanya urwo ruhushya atanga imigabane ye yose cyangwa igice cyayo mu gihe atarakora ishoramari ringana nibura na 30% ry'ishoramari yagaragaje igihe yahabwaga uruhushya.</p>	<p>(1) A mining licence holder has the right to transfer the licence through assigning all or part of his or her shares. However, the licence holder cannot transfer the licence through assigning all or part of his or her shares before totalling investment cost of at least 30% of investment commitment he or she pledged by the time of the grant of licence.</p>	<p>(1) Un titulaire de permis d'exploitation minière a le droit de transférer ce permis en cédant tout ou partie de ses actions. Toutefois, le titulaire de permis ne peut pas transférer le permis en cédant tout ou partie de ses actions avant d'avoir totalisé un coût d'investissement d'au moins 30 % de tous les investissements prévus au moment de l'octroi du permis.</p>
<p>(2) Mbere yo guhererekanya uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro, urufite agomba kubisabira uburenganzira mu nyandiko Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>(2) Before the transfer of a licence, mining licence holder must apply in writing for the authorisation of the competent organ.</p>	<p>(2) Avant le transfert du permis, le titulaire d'un permis d'exploitation minière doit demander l'autorisation par écrit à l'organe compétent.</p>
<p>(3) Ihererekanya ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku masosiyete adahamagarira rubanda kuguramo</p>	<p>(3) The transfer of a mining licence of private companies includes the following:</p>	<p>(3) Le transfert du permis d'exploitation minière pour les sociétés privées comprend ce qui suit :</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>imigabane, rigizwe n'ibi bikurikira:</p> <p>(a) itangwa iryo ariryo ryose, igurishwa cyangwa kwikuraho uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku buryo ubwo aribwo bwose;</p> <p>(b) igwaturiza ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye yagaciro cyangwa ifatira ry'ingwate y'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;</p> <p>(c) ihererekanya ry'umugabane uwo ariwo wose bikozwe n'umwe cyangwa benshi mu banyamigabane bafite uburenganzira ku ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p> <p>(4) Ihererekanya ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ku masosiyete ahamagarira rubanda kuyaguramo imigabane rigizwe no kwegukana inyungu z'ubwiganze bw'imigabane.</p> <p>(5) Iyo uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rumaze kwandikwa ku muntu mushya binyuze mu ihererekanya, uwegukanye uruhushya niwe uhabwa uburenganzira,</p>	<p>(a) any form of assignment, sale or any other disposal of a mining licence;</p> <p>(b) the pledge of a mining licence or seizure of the pledged mining licence;</p> <p>(c) the transfer of any share by one or more shareholders having rights on a mining licence.</p> <p>(4) The transfer of mining licence for public companies consists of acquiring the controlling interest.</p> <p>(5) Upon registration of the mining licence in the name of the new holder following a transfer, the rights, responsibilities and other obligations of the transferor immediately pass to the transferee.</p>	<p>(a) toute forme de cession, de vente ou toute autre aliénation d'un permis d'exploitation minière ;</p> <p>(b) mise en gage d'un permis d'exploitation minière ou rétention d'un permis d'exploitation minière mis en gage ;</p> <p>(c) le transfert de toute action par l'un ou plusieurs actionnaires possédant les droits sur un permis d'exploitation minière.</p> <p>(4) Le transfert du permis d'exploitation minière pour les sociétés publiques consiste dans l'acquisition des intérêts majoritaires.</p> <p>(5) Lorsque le permis d'exploitation minière est enregistré au nom d'un nouvel acquéreur par voie de transfert, les droits, les responsabilités et d'autres obligations du cédant passent immédiatement au</p>
--	---	---

<p>inshingano n'ibindi byasabwaga gukorwa n'uwahererekanyije uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p> <p><u>Ingingo ya 17: Ibisabwa mu guhererekanya uruhushya</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wifuza guhererekanya urwo ruhushya asabwa kuzuza ibi bikurikira:</p> <p>(a) ibaruwa isaba yanditswe n'usanganywe uruhushya rusabirwa ihererekanya, amenyesha ko yifuza kuruherekanya;</p> <p>(b) inyandikomvugo y'inama y'abanyamigabane cyangwa abanyamuryango yemera ihererekanya yakorewe imbere ya Noteri wemewe na Leta;</p> <p>(c) umwirondoro w'uwegurirwa uruhushya n'uburambe bwe mu bijyanye n'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;</p> <p>(d) icyemezo cy'iyandikisha cy'isosiyete y'ubucukuzi isabirwa kwegurirwa uruhushya;</p>	<p><u>Article 17: Requirements for the transfer of the licence</u></p> <p>A mining licence holder wishing to transfer that licence is required to provide the following:</p> <p>(a) a written application by the holder of the licence indicating the holder's intention to transfer the licence;</p> <p>(b) minutes of the meeting held by the shareholders or members approving the transfer made in the presence of the Notary authorised by the Government;</p> <p>(c) a profile of the transferee and the transferee's experience in the mining sector;</p> <p>(d) a certificate of registration of the transferee company;</p>	<p>cessionnaire.</p> <p><u>Article 17 : Exigences pour le transfert du permis</u></p> <p>Le titulaire d'un permis d'exploitation minière ayant l'intention de transférer ce permis doit remplir les conditions suivantes :</p> <p>(a) la lettre de demande écrite par le titulaire du permis faisant l'objet de demande de transfert spécifiant son intention de transférer le permis ;</p> <p>(b) le procès-verbal de la réunion des actionnaires ou membres approuvant le transfert établi devant le Notaire agréé par l'État ;</p> <p>(c) le profil du cessionnaire et son expérience dans le secteur minier ;</p> <p>(d) le certificat d'enregistrement de la société commerciale cessionnaire ;</p>
--	---	---

<p>(e) icyemezo kigaragaza ko uwari usanganywe uruhushya yishyuye imisoro iteganywa n'amategeko;</p> <p>(f) inyandiko igaragaza agaciro k'ibiherekanywa hagati y'usanganywe uruhushya n'usabirwa kurwegurirwa;</p> <p>(g) inyandiko igaragaza niba hari isano hagati y'usanganywe uruhushya n'usabirwa kurwegurirwa cyangwa n'ibindi bahuriyeho mu bucuruzi;</p> <p>(h) inyandiko igaragaza ko usabirwa kwegurirwa uruhushya azubahiriza inshingano z'uwari urusanganywe.</p>	<p>(e) tax clearance certificate proving that the former licence holder complied with statutory tax obligations;</p> <p>(f) a document indicating the value of the transaction between the transferor and the transferee;</p> <p>(g) a document disclosing any other relations between transferor and transferee or other common business interest;</p> <p>(h) a document indicating the transferee's commitment to uphold the transferor's obligations.</p>	<p>(e) l'attestation de non créance attestant que l'ancien titulaire s'est acquitté des obligations fiscales statutaires ;</p> <p>(f) un document indiquant la valeur de la transaction entre le cédant et le cessionnaire ;</p> <p>(g) un document identifiant toute autre relation entre le cédant et le cessionnaire ou autre intérêt commercial commun ;</p> <p>(h) un document indiquant l'engagement du cessionnaire d'accomplir les obligations du cédant.</p>
<p><u>Ingingo ya 18: Icyemezo ku busabe bwo guhererekanya uruhushya</u></p> <p>Icyemezo ku busabe bwo guhererekanya uruhushya kimenyeshwa mu nyandiko uwasabye mu gihe kitarenze iminsi 60 ibarwa uhereye igihe ubusabe bwakiriwe.</p>	<p><u>Article 18: Decision on the application for transfer of licence</u></p> <p>The decision on the application for transfer of a licence is notified to the applicant in writing within a period not exceeding 60 days from the date of receipt of the application.</p>	<p><u>Article 18 : Décision sur la demande de transfert d'un permis</u></p> <p>La décision sur la demande de transfert d'un permis est notifiée par écrit au demandeur dans un délai ne dépassant 60 jours de la réception de la demande.</p>

<p><u>Ingingo ya 19: Uruhushya rwo gutunganya amabuye y’agaciro</u></p> <p>(1) Gutunganya amabuye y’agaciro bisabirwa uruhushya rutangwa n’Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Amabwiriza y’Urwego rubifitiye ububasha akena ibikubiye mu ruhushya rwo gutunganya amabuye y’agaciro n’uburyo rutangwa.</p>	<p><u>Article 19: Mineral processing licence</u></p> <p>(1) Processing of minerals is subject to a licence granted by the competent organ.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the content of a mineral processing licence and modalities for its granting.</p>	<p><u>Article 19 : Permis de traitement des minerais</u></p> <p>(1) Le traitement de minerais fait l’objet d’un permis délivré par l’organe compétent.</p> <p>(2) Les règlements de l’organe compétent déterminent le contenu d’un permis de traitement des minerais et les modalités de son octroi.</p>
<p><u>Ingingo ya 20: Uruhushya rwo gucuruza amabuye y’agaciro</u></p> <p>(1) Gucuruza amabuye y’agaciro bisabirwa uruhushya rutangwa n’Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Amabwiriza y’Urwego rubifitiye ububasha akena ibikubiye mu ruhushya rwo gucuruza amabuye y’agaciro n’uburyo rutangwa.</p>	<p><u>Article 20: Mineral trading licence</u></p> <p>(1) Trade in minerals requires a mineral trading licence granted by the competent organ.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the content of a mineral trading licence and modalities for its granting.</p>	<p><u>Article 20 : Permis de commerce des minerais</u></p> <p>(1) Le commerce des minerais requiert un permis de commerce des minerais délivré par l’organe compétent.</p> <p>(2) Les règlements de l’organe compétent déterminent le contenu d’un permis de commerce des minerais et les modalités de son octroi.</p>
<p><u>UMUTWE WA III: UBURENGANZIRA N’INSHINGANO BY’UMUNTU WAHawe URUHUSHYA RW’IBIKORWA BY’UBUCUKUZI BW’AMABUYE Y’AGACIRO</u></p>	<p><u>CHAPTER III: RIGHTS AND OBLIGATIONS OF THE HOLDER OF A LICENCE FOR MINING OPERATIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE III : DROITS ET OBLIGATIONS DU TITULAIRE D’UN PERMIS D’OPERATIONS MINIERES</u></p>

Ingingo ya 21: Uburenganzira bw'umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi	Article 21: Rights of the holder of a licence for exploration operations	Article 21 : Droits du titulaire d'un permis des opérations d'exploration
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi afite uburenganzira bwo:</p> <p>(a) gushakisha amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya;</p> <p>(b) gutobora no gucukura imyobo yakenerwa;</p> <p>(c) gukura ahantu yaherewe uruhushya, indobanywa y'amabuye y'agaciro kugira ngo agenzurwe, ahabwe agaciro, ariko ingano yayo ntirenze ibipimo bigenwa n'amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(d) kubaka inyubako z'agateganyo;</p> <p>(e) guhabwa uburenganzira bw'ibanze bwo gusaba uruhushya rw'ubucukuzi kuri buri gice cy'ahantu afitiye uruhushya habonetse amabuye y'agaciro amaze kuzuzwa ibisabwa mu ruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro.</p>	<p>(1) The holder of a licence for exploration operations has the right to:</p> <p>(a) explore minerals in respect of which the licence is granted;</p> <p>(b) drill boreholes and make such excavations as may be necessary;</p> <p>(c) collect from the exploration licence area mineral samples for the purpose of having them analysed and valued but their quantity should not exceed such limit determined through regulations issued by the competent organ;</p> <p>(d) construct temporary buildings;</p> <p>(e) receive the primary right to apply for a mining licence on any portion of the exploration licence area where mineral deposit is discovered upon fulfilling the required conditions for the mining licence.</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis des opérations d'exploration a le droit de :</p> <p>(a) explorer les minerais qui font l'objet de son permis ;</p> <p>(b) effectuer des forages et faire des excavations qui s'avèrent nécessaires ;</p> <p>(c) prendre des échantillons de minerais dans le périmètre sous permis d'exploration afin de les analyser et les évaluer sans pour autant dépasser les quantités déterminées par les règlements émis par l'organe compétent;</p> <p>(d) construire les bâtiments temporaires ;</p> <p>(e) recevoir le droit primaire de demander un permis d'exploitation minière sur une quelconque portion du périmètre du permis d'exploration où un gisement minier est découvert après avoir rempli les conditions requises stipulées dans le permis d'exploitation minière.</p>

<p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi ushaka gukora ibikorwa byo gucukura amabuye y'agaciro abisabira uruhushya Urwego rubifitiye ububasha mu minsi 90 mbere y'uko rurangira.</p> <p>(3) Iyo uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi rurangiye mu gihe icyemezo ku busabe bwo gucukura kitarafatwa, usanganywe uruhushya akomeza gukora ibikorwa bye by'ubushakashatsi kugeza igihe icyo cyemezo gifashwe kandi kikamenyeshwa uwasabye.</p> <p>(4) Iyo ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura butemewe, usanganywe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi ahabwa igihe cy'integuza kitarenze iminsi 90 cyo guhagarika ibikorwa bye.</p>	<p>(2) A holder of licence for exploration operations wishing to carry out mining operations applies for authorisation to the competent organ within 90 days before the expiration of the exploration licence.</p> <p>(3) In case an exploration operations licence expires before a decision on mining licence application is made, the licence holder is entitled to continue the exploration operations until the decision is made and notified to the applicant.</p> <p>(4) In the event of a refusal to grant a mining licence, the licence holder for exploration operations is given a 90 days' notice period to close his or her operations.</p>	<p>(2) Le titulaire d'un permis des opérations d'exploration qui désire exercer les opérations minières demande l'autorisation auprès de l'organe compétent endéans 90 jours avant l'expiration du permis d'exploration.</p> <p>(3) Lorsqu'un permis des opérations d'exploration arrive à terme avant que la décision sur la demande d'un permis d'exploitation minière ne soit prise, le titulaire continue à effectuer ses opérations jusqu'à ce que la décision sur sa demande soit prise et notifiée au demandeur.</p> <p>(4) En cas de refus de la demande d'un permis d'exploitation minière, le titulaire du permis des opérations d'exploration bénéficie d'un préavis de 90 jours pour clôturer ses opérations.</p>
<p><u>Ingingo ya 22: Inshingano z'umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi afite inshingano zikurikira :</p>	<p><u>Article 22: Obligations of the holder of a licence for exploration operations</u></p> <p>The holder of a licence for exploration operations has the following obligations:</p>	<p><u>Article 22 : Obligations du titulaire du permis des opérations d'exploration</u></p> <p>Le titulaire d'un permis des opérations d'exploration a les obligations suivantes :</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>(a) gutangira imirimo mu gihe kitarenze iminsi 90 uhereye umunsi yaherewe uruhushya;</p> <p>(b) gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha buri mezi atandatu raporo yerekana aho imirimo igeze nk'uko byemejwe muri gahunda y'ibikorwa by'ubushakashatsi;</p> <p>(c) gushaka no gucunga abakozi hakurikijwe itegeko rigenga umurimo mu Rwanda;</p> <p>(d) guhita amenyesha Urwego rubifitiye ububasha indiri y'amabuye y'agaciro yavumbuwe ataherewe uruhushya akimara kuyavumbura;</p> <p>(e) kubika inyandiko zijyanye n'ibikorwa by'ubushakashatsi aho abarizwa mu Rwanda, zerekana ibi bikurikira:</p> <p>(i) imyobo yacukuwe hakoreshejwe gutobora;</p> <p>(ii) amoko y'amabuye</p>	<p>(a) commence exploration operations within a period not exceeding 90 days from the date of issuance of the licence;</p> <p>(b) submit a report to the competent organ every six months on the progress of the exploration operations as approved in the mineral exploration plan;</p> <p>(c) recruit staff and ensure their management in accordance with the Law regulating labour in Rwanda;</p> <p>(d) immediately notify the competent organ of the discovery of any mineral deposit that was not subject to the licence right after such a discovery;</p> <p>(e) keep records of exploration operations at the holder's address in Rwanda indicating the following:</p> <p>(i) boreholes drilled;</p> <p>(ii) strata penetrated, with</p>	<p>(a) commencer les opérations d'exploration dans un délai ne dépassant pas 90 jours suivant la date d'octroi du permis;</p> <p>(b) soumettre tous les six mois à l'organe compétent un rapport sur l'avancement des travaux comme stipulé dans le programme d'exploration ;</p> <p>(c) recruter le personnel et assurer sa gestion conformément à la loi portant réglementation du travail au Rwanda;</p> <p>(d) aviser immédiatement l'organe compétent de la découverte d'un gisement minier non compris dans son permis juste après cette découverte ;</p> <p>(e) garder à son adresse au Rwanda les dossiers des opérations d'exploration qui montrent ce qui suit :</p> <p>(i) les forages réalisés ;</p> <p>(ii) les strates pénétrées et leurs</p>
---	---	---

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>yagaragaye mu bujakuzimu n'ibiyaranga;</p> <p>(iii) amabuye y'agaciro yavumbuwe;</p> <p>(iv) ibisubizo byose byavuye mu bipimo bya <i>geochemical</i> na <i>geophysical</i> by'ubutaka;</p> <p>(v) ibisubizo by'imenyekanisha n'ipimwa ry'amabuye y'agaciro yakuwe ahakorera ibikorwa by'ubushakashatsi kuri iyo mpamvu;</p> <p>(vi) isesengura ry'imiterere y'ubutaka hakurikijwe ibiteganywa kuva mu gaka ka (e)(i), (ii), (iii), (iv) na (v);</p> <p>(vii) amafaranga yose yatanze kuri gahunda yemeranyijwe y'umwaka ku bikorwa by'ubushakashatsi.</p>	<p>detailed logs of such strata;</p> <p>(iii) minerals discovered;</p> <p>(iv) all the results of the geochemical and geophysical analysis;</p> <p>(v) the results of identification and analysis of minerals collected from the exploration operations area for such purposes;</p> <p>(vi) the geological interpretation under sub-subparagraph (e)(i), (ii), (iii), (iv) and (v);</p> <p>(vii) details of the expenditure incurred under the agreed annual plan of mineral exploration operations.</p>	<p>diagraphies détaillées ;</p> <p>(iii) les minerais découverts ;</p> <p>(iv) tous les résultats de l'analyse géochimique et géophysique ;</p> <p>(v) les résultats de l'identification et de l'analyse des minerais prélevés de la zone des opérations d'exploration à cette fin ;</p> <p>(vi) l'interprétation géologique en vertu de l'alinéas (e)(i), (ii), (iii), (iv) et (v) ;</p> <p>(vii) toutes les dépenses effectuées dans le cadre du programme des opérations d'exploration annuel convenu.</p>
---	--	---

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>(f) gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha buri mwaka, bitarenze iminsi 90 nyuma y'itariki ngarukamwaka uruhushya rwatangiweho, raporo yagenzuwe y'amafaranga yakoreshejwe ku bikorwa by'ubushakashatsi yemeranyijweho;</p> <p>(g) kumenyesha Urwego rubifitiye ububasha impinduka izo ari zo zose ashaka gukora kuri gahunda y'ibikorwa by'ubushakashatsi yemeranyijweho. Urwego rubifitiye ububasha rushobora kwemera cyangwa kwanga impinduka zifuzwa mu gihe cy'iminsi 60 ibarwa uherye igihe rwashyikirijwe ubwo busabe;</p> <p>(h) kumenyesha no gushyikiriza urwego rwa Leta rubifite mu nshingano mu gihe cy'iminsi 30, ibimenyetso by'amateka cyangwa ikindi kintu cy'ingenzi cyabonetse mu gihe cy'ibikorwa by'ubushakashatsi;</p> <p>(i) gukuraho inyubako z'agateganyo cyangwa ibindi bikorwa mu gihe</p>	<p>(f) submit to the competent organ, every year, not later than 90 days after each year's date of issuance of the licence, an audited statement of expenditure incurred on agreed exploration operations;</p> <p>(g) notify the competent organ of any amendments the holder wishes to make to the agreed mineral exploration plan. The competent organ may approve or reject the proposed amendments within 60 days from the date of receipt of the proposal;</p> <p>(h) notify and submit to the relevant public organ, within 30 days, any historical or any other significant object discovered in the course of exploration operations;</p> <p>(i) remove temporary buildings or other facilities within 90 days after</p>	<p>(f) soumettre chaque année à l'organe compétent au plus tard 90 jours après la date de chaque année à laquelle le permis a été délivré, un état financier audité des dépenses engagées sur les opérations d'exploration convenues ;</p> <p>(g) notifier à l'organe compétent toutes les modifications qu'il souhaite apporter au programme des opérations d'exploration convenu. L'organe compétent peut approuver ou rejeter ces modifications endéans 60 jours de la réception de la demande ;</p> <p>(h) informer et soumettre à l'organe public concerné, endéans 30 jours, tout objet historique ou tout autre objet pertinent découvert au cours des opérations d'exploration ;</p> <p>(i) enlever les bâtiments temporaires ou toute autre installation endéans 90 jours</p>
---	--	--

<p>kitarenze iminsi 90 nyuma y'uko uruhushya rurangiye cyangwa rukuweho;</p> <p>(j) gusiba imyobo n'ibisimu byacukuwe mu ikorwa ry'imirimo cyangwa gushyiraho uburyo bwo kuhacungira umutekano;</p> <p>(k) guha Urwego rubifitiye ububasha kopi y'inyandiko iyo ari yo yose rwakenera.</p>	<p>expiration or termination of the licence;</p> <p>(j) fill back or otherwise make safe any borehole and excavation made during the course of the exploration operations;</p> <p>(k) provide the competent organ with a copy of any document it may require.</p>	<p>après l'expiration ou la révocation du permis ;</p> <p>(j) faire le plein de tout trou de forage et excavation effectué au cours des opérations d'exploration ou mettre en place des mesures d'en sécuriser;</p> <p>(k) donner à l'organe compétent, une copie de tout document qu'il demande.</p>
<p><u>Ingingo ya 23: Uburenganzira bw'umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro</u></p>	<p><u>Article 23: Rights of the holder of a mining licence</u></p>	<p><u>Article 23 : Droits du titulaire d'un permis d'exploitation minière</u></p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro afite uburenganzira bukurikira:</p> <p>(a) gucukura amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya, gusukura no gutwara amabuye y'agaciro cyangwa ibiyakomokaho byavuye ahantu yaherewe uruhushya;</p> <p>(b) gushyira aho akorera ibikorwa by'ubucukuzi ibikoresho, inganda, imashini</p>	<p>(1) The holder of a mining licence has the following rights:</p> <p>(a) to mine the minerals under his or her licence, proceed with ore beneficiation and transport minerals or mineral products from the area under his or her licence;</p> <p>(b) to put in place in his or her mining area equipment, plant, machinery and buildings;</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploitation minière a les droits suivants :</p> <p>(a) exploiter les minerais faisant l'objet du permis, procéder à l'enrichissement du minerai et transporter les minerais ou les produits miniers en provenance de la zone faisant objet de son permis ;</p> <p>(b) mettre en place dans sa zone d'exploitation minière les équipements, les installations, les machines et les</p>

<p>n'inyubako;</p> <p>(c) kugurisha ibikomoka ku bucukuzi byavuye ahantu yaherewe uruhushya.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ashobora gusaba Urwego rubifitiye ububasha kongererwa ku ruhushya mu gihe cy'iminsi 90 ubwoko bw'amabuye y'agaciro yavumbuwe ataherewe uruhushya.</p> <p>(3) Umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro ashobora gusaba Urwego rubifitiye ububasha uruhushya rwo kugira ibyo ahindura kuri gahunda y'ubucukuzi.</p> <p><u>Ingingo ya 24: Inshingano z'umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro</u></p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutunganya ikirombe no gucukura inganzo z'amabuye y'agaciro yaherewe uruhushya hakurikijwe gahunda y'ibikorwa by'ubucukuzi</p>	<p>(c) to sell mineral products recovered from the holder's mining licence area.</p> <p>(2) A holder of a mining licence may apply to the competent organ to add to his or her licence, within 90 days, the discovered minerals not covered by his or her licence.</p> <p>(3) The holder of a mining licence may apply to the competent organ for the authorisation to make amendments to the mining program.</p> <p><u>Article 24: Obligations of the holder of a mining licence</u></p> <p>(1) The holder of a mining licence has the following obligations:</p> <p>(a) develop and mine the mineral deposits covered by the licence in accordance with the mine development program approved by</p>	<p>bâtiments ;</p> <p>(c) vendre les produits miniers obtenus de la zone faisant l'objet de son permis minier.</p> <p>(2) Un titulaire d'un permis d'exploitation minière peut demander à l'organe compétent, endéans 90 jours, d'inclure dans son permis les minerais découverts qui ne sont visés par son permis.</p> <p>(3) Le titulaire d'un permis d'exploitation minière peut demander à l'organe compétent d'apporter des modifications au programme d'exploitation minière.</p> <p><u>Article 24 : Obligations du titulaire d'un permis d'exploitation minière</u></p> <p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploitation minière a les obligations suivantes :</p> <p>(a) développer et exploiter les gisements miniers couverts par le permis conformément à un programme d'activités minières approuvé par</p>
---	---	--

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>yemejwe n'Urwego rubifitiye ububasha na gahunda yo kubungabunga ibidukikije yemejwe n'inzege zibishinze;</p> <p>(b) gutangira ibikorwa byo gucukura ikirombe mu gihe kitarenze iminsi 180 uherye ku muni ya herewe uruhushya;</p> <p>(c) gushyira imbago mu mbibi z'ahantu hatangiwe uruhushya rwo gucukura;</p> <p>(d) kubika aho akorera mu Rwanda:</p> <p>(i) inyandiko zuzuye za tekinike zerekana ibikorwa byakozwe mu buryo bwemejwe n'Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(ii) kopi za raporo z'imiterere y'ubutaka zirimo ibisobanuro, ibipimo by'amabuye y'agaciro, amafoto yafatiwe mu kirere, ibipimo by'ibyavuye mu gutobora, imibare y'ibipimo, igeragezwa n'andi makuru ajyanye n'ahantu ya herewe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro;</p>	<p>the competent organ and the environmental management plan approved by relevant organs;</p> <p>(b) commence mining operations not later than 180 days from the date of issuance of the licence;</p> <p>(c) install beacons around the mining licence area;</p> <p>(d) maintain at his or her address in Rwanda:</p> <p>(i) complete technical records of his or her operations in line with requirements prescribed by the competent organ;</p> <p>(ii) copies of geological reports with their interpretation, mineral analyses, aerial photographs, core logs, analyses and test results and all other available data in relation to the holder's mining licence area;</p>	<p>l'organe compétent et un programme de gestion de l'environnement approuvé par les organes concernés ;</p> <p>(b) commencer les activités d'exploitation minière dans un délai ne dépassant pas 180 jours à compter de la date d'octroi du permis ;</p> <p>(c) fixer les bornes autour du périmètre visé par le permis d'exploitation minière ;</p> <p>(d) garder, à son adresse au Rwanda :</p> <p>(i) les dossiers techniques complets de ses opérations suivant les conditions posées par l'organe compétent ;</p> <p>(ii) les copies de rapports géologiques, leur interprétation, les analyses minérales, les photographies aériennes, catalogue des données de forage, les résultats des analyses et des essais et toutes les autres données disponibles en rapport avec le périmètre visé par son permis d'exploitation minière ;</p>
--	--	--

<p>(iii)inyandiko zikubiyemo amakuru n'imibare yuzuye kandi y'ukuri y'ikoresha ry'amafaranga mu mirimo yo gucukura amabuye y'agaciro n'ibindi bitabo by'ibaruramari n'icungamutungo nk'uko bisabwa n'amategeko abigenga. Iyo umuntu wahawe uruhushya akora indi mirimo idafitanye isano n'imirimo yo gucukura amabuye y'agaciro agomba kugira ibitabo by'icungamutungo byihariye ku mirimo y'ubucukuzi yaherewe uruhushya;</p> <p>(e) kwemerera umukozi ubifitiye ububasha kugenzura ibitabo n'inyandiko zose zakoreshejwe hakurikijwe ibiteganywa mu gaka ka (d)(iii) k'iyi ngingo;</p> <p>(f) gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha, buri mezi atandatu n'igihe cyose abisabwe kopi z'ibitabo n'inyandiko zose byakoreshejwe;</p> <p>(g) gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha kopi ya raporo y'ikoreshamutungo ya buri mwaka mu minsi 90 uherye umunsi umwaka w'ibaruramari warangiriye, yerekana</p>	<p>(iii) accurate and systematic financial records of data and figures on mining operations and such other books of accounts and financial records as required by relevant laws. If the licence holder is engaged in any activity not connected with mining operations, he or she must maintain separate books of accounts of operations under such licence;</p> <p>(e) permit an authorised officer to inspect all the books and records maintained pursuant to the provisions of subparagraph (d)(iii) of this Article;</p> <p>(f) submit to the competent organ every six months and at any time he or she is required to do so, copies of such books and records used;</p> <p>(g) provide the competent organ with a copy of every annual financial report within 90 days from the end of each financial year showing the profit or loss for the year;</p>	<p>(iii)les registres financiers exacts et systématiques des données et chiffres sur les activités d'exploitation minière et autres livres comptables et registres financiers requis par la législation en la matière. Si le titulaire du permis est engagé dans toute autre activité différente des activités d'exploitation minière, il doit tenir des livres comptables distincts en rapport avec les activités d'exploitation minière visées par son permis ;</p> <p>(e) permettre à un agent autorisé d'examiner tous les livres et registres tenus en application des dispositions de l'alinéa (d)(iii) du présent article ;</p> <p>(f) remettre à l'organe compétent, tous les six mois et à tout moment qu'il lui est demandé, les copies de tous les livres et registres utilisés ;</p> <p>(g) transmettre à l'organe compétent une copie de chaque rapport financier annuel endéans 90 jours à compter de la fin de chaque exercice financier montrant les pertes ou profits de</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>inyungu cyangwa igihombo cy'umwaka;</p> <p>(h) kumenyesha Urwego rubifitiye ububasha:</p> <p>(i) umwaka umwe mbere, iyo ateganya guhagarika burundu ibikorwa akorera mu kirombe;</p> <p>(ii) amezi atandatu mbere, iyo ateganya guhagarika by'agateganyo imirimo yo gucukura;</p> <p>(iii) amezi atatu mbere, iyo ateganya kugabanya ingano y'imirimo yo gucukura;</p> <p>(i) kubika no gucunga ibisigazwa hakurikijwe amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(j) gutanga indishyi ikwiye ku butaka n'indi mitungo byangijwe biturutse ku bikowa by'ubucukuzi mu kirombe yaherewe uruhushya;</p> <p>(k) gukuraho imyanda iva ku mabuye y'agaciro mu buryo bwemewe n'inzeho zishinzwe ubuzima</p>	<p>(h) notify the competent organ:</p> <p>(i) one year in advance, if he or she proposes to permanently cease activities carried out in a mine;</p> <p>(ii) six months in advance, if he or she proposes to temporarily suspend mining operations;</p> <p>(iii) three months in advance, if he or she proposes to curtail the level of mining operations;</p> <p>(i) store and manage mine tailings in accordance with regulations of the competent organ;</p> <p>(j) provide a fair compensation for damage to land and other property resulting from mining operations in the mine under licence;</p> <p>(k) remove waste from minerals through means approved by health and environment organs and in</p>	<p>l'exercice ;</p> <p>(h) informer l'organe compétent:</p> <p>(i) un an à l'avance, s'il envisage de cesser définitivement ses activités dans une mine;</p> <p>(ii) six mois à l'avance, s'il envisage de suspendre temporairement les activités d'exploitation minière ;</p> <p>(iii) trois mois à l'avance, s'il envisage de réduire le niveau des activités d'exploitation minière ;</p> <p>(i) stocker et conserver les résidus miniers conformément au règlement de l'organe compétent ;</p> <p>(j) offrir une juste indemnisation pour les dommages aux terres et aux autres biens résultant d'opérations minières sur la mine sous permis ;</p> <p>(k) enlever les déchets des minerais par des moyens approuvés par les organes de santé et d'environnement et</p>
--	--	---

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>n'ibidukikije n'ibipimo ngenderwaho by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;</p> <p>(l) kumenyesha no gushyikiriza urwego rwa Leta rubifite mu nshingano mu gihe cy'iminsi mirongo itatu 30, ibimenyetso by'amateka cyangwa ikindi kintu cy'ingenzi cyabonetse mu gihe cy'ibikorwa by'ubucukuzi;</p> <p>(m)gushaka no gucunga abakozi hakurikijwe itegeko rigenga umurimo mu Rwanda;</p> <p>(n) gukora ku buryo ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro bikorwa hubahirizwa ibipimo ngenderwaho by'ubuzima n'umutekano n'ibyo kurengera ibidukikije, birimo ibipimo ngenderwaho byo kubahiriza ubuzima n'umutekano by'abagore.</p> <p>(2) Iyo umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro avumbuye inganzo y'ubundi bwoko bw'amabuye y'agaciro ataherewe uruhushya, ahita abimenyesha Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>accordance with mining standards;</p> <p>(l) notify and submit to the relevant public organ within 30 days, any historical or any other significant object discovered in the course of mining operations;</p> <p>(m)recruit staff and ensure their management in accordance with the Law regulating labour in Rwanda;</p> <p>(n) ensure that the mining operations are carried out in accordance with applicable health, safety and environmental protection standards, including standards necessary to protect the health and safety of women.</p> <p>(2) Where the holder of mining licence discovers any mineral deposit with another type of minerals not covered by his or her licence, he or she immediately notifies the competent organ.</p>	<p>conformément aux normes d'exploitation minière ;</p> <p>(l) informer et transmettre à l'organe public compétent endéans 30 jours, tout objet historique ou tout autre objet pertinent découvert au cours des activités d'exploitation minière ;</p> <p>(m)recruter du personnel et assurer sa gestion conformément à la loi portant réglementation du travail au Rwanda;</p> <p>(n) s'assurer que les opérations minières sont effectuées conformément aux normes de santé, de sécurité et de protection de l'environnement applicables, y compris les normes nécessaires pour protéger la santé et la sécurité des femmes.</p> <p>(2) Lorsque le titulaire d'un permis d'exploitation minière découvre un gisement minier avec un autre type de minerais qui ne sont pas visés par son permis, il en avise immédiatement l'organe compétent.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 25:</u> Inshingano z’umwihariko z’umuntu wahawe uruhushya rw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro afite imirasire yangiza</p> <p>(1) Ibikorwa by’ubushakashatsi, gucukura, gutunganya, gutunga, gutwara, kohereza cyangwa gutumiza mu mahanga cyangwa gukora ibindi bikorwa ibyo aribyo byose bijyanye n’amabuye y’agaciro afite imirasire yangiza, bigengwa n’uruhushya rwihariye rutangwa n’Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro afite imirasire yangiza agomba gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha buri cyumweru cya mbere cy’ukwezi raporo yanditse y’ibikorwa by’ubushakashatsi no gucukura amabuye y’agaciro afite imirasire yangiza yakozwe mu kwezi guheruka.</p>	<p><u>Article 25:</u> Special obligations relating to the holder of a radioactive minerals mining licence</p> <p>(1) The exploration operations, exploitation, processing, possession, transport, import, export or any other activity related to radioactive minerals require a special licence issued by the competent organ.</p> <p>(2) The holder of a radioactive minerals licence must in the first week of every month, provide the competent organ with a written report on the operations of exploration and mining of radioactive minerals conducted in the preceding month.</p>	<p><u>Article 25 :</u> Obligations particulières relatives au titulaire d’un permis d’exploitation des minerais radioactifs</p> <p>(1) L’exploration, l’exploitation, le traitement, la possession, le transport, l’importation, l’exportation ou toute autre activité liée aux minerais radioactifs requièrent un permis spécial délivré par l’organe compétent.</p> <p>(2) Le titulaire d’un permis d’exploitation des minerais radioactifs doit dans la première semaine de chaque mois, donner à l’organe compétent un rapport écrit sur les activités d’exploration et d’exploitation des minerais radioactifs effectuées dans le mois précédent.</p>
<p><u>Ingingo ya 26:</u> Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro</p> <p>(1) Iyo umuntu wahawe uruhushya rw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro ashaka gusubiza ahantu</p>	<p><u>Article 26:</u> Relinquishment of a mineral licence area</p> <p>(1) The holder of a mining licence who wishes to relinquish a licence area or part of it, ensures the following:</p>	<p><u>Article 26 :</u> Renonciation à un périmètre sous permis minier</p> <p>(1) Le titulaire d’un permis d’exploitation minière qui souhaite renoncer à un périmètre sous permis ou une partie de celui-ci fait ce</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>yaherewe uruhushya cyangwa igice cyaho, akora ibi bikurikira:</p> <p>(a) guha Urwego rubifitiye ububasha integuza y'iminsi itari munsi ya 90;</p> <p>(b) kubahiriza ibisabwa byumvikanyweho biri ku mugereka w'uruhushya;</p> <p>(c) gutanga ikarita n'ibipimo ndangahantu by'aho yiyemeje gusubiza;</p> <p>(d) gutanga raporo irambuye y'ibikorwa ikubiyemo amakuru ajyanye n'ahantu yiyemeje gusubiza.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya ushaka gusubiza igice cyangwa ahantu hose, atanga ibi bikurikira:</p> <p>(a) icyemezo cyo kuba nta misoro arimo cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'imisoro;</p> <p>(b) inyandiko yemeza ko nta mwenda abereyemo abakozi itangwa n'ubugenzuzi bw'umurimo mu Karere</p>	<p>(a) give to the competent organ, not less than 90 days' notice;</p> <p>(b) comply with terms and conditions agreed upon and attached to the mining licence;</p> <p>(c) provide a map with coordinates of the area to be relinquished;</p> <p>(d) submit detailed activity reports containing all information relating to the area to be relinquished.</p> <p>(2) The licence holder wishing to relinquish all or part of a mining area submits the following:</p> <p>(a) a tax clearance certificate issued by the tax administration;</p> <p>(b) a document proving that the holder has no liability vis-à-vis his or her employees issued by the labour inspectorate of the district where the</p>	<p>qui suit :</p> <p>(a) donner à l'organe compétent un préavis d'au moins 90 jours ;</p> <p>(b) se conformer aux termes et conditions convenus se trouvant en annexe du permis d'exploitation minière ;</p> <p>(c) fournir une carte avec toutes les coordonnées du périmètre auquel il va renoncer ;</p> <p>(d) soumettre un rapport d'activités détaillé contenant toutes les informations relatives au périmètre auquel il va renoncer.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis ayant l'intention de renoncer à une partie ou tout périmètre faisant l'objet du permis présente ce qui suit :</p> <p>(a) une attestation de non créance fiscale délivrée par l'administration fiscale ;</p> <p>(b) un document prouvant qu'il n'a aucune créance envers ses employés émis par le service d'inspection du travail au niveau du District où les opérations</p>
--	---	--

<p>akoreramo;</p> <p>(c) icyemezo cy'isubiranya kigaragaza ko yubahirije gahunda yo kubungabunga ibidukikije cyatanzwe n'urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(3) Gusubiza ahantu hari hatangiwe uruhushya rwo gucukura amabuye y'agaciro bikorwa hitawe ku myenda cyangwa inshingano z'umuntu wahawe uruhushya zirebana n'ahantu hasubijwe mbere y'itariki yo kuhasubiza, kimwe n'inshingano zivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo.</p> <p><u>Ingingo va 27: Inyandiko na raporo bijyanye n'ikurwaho cyangwa irangira ry'uruhushya rw'ibikorwa by'ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro</u></p> <p>(1) Inyandiko na raporo by'ubushakashatsi bw'amabuye y'agaciro nyuma y'irangira ry'uruhushya rw'ibikorwa by'ubushakashatsi ku mabuye y'agaciro ni umutungo w'umuntu wahawe urwo ruhushya.</p> <p>(2) Iyo uruhushya rw'ibikorwa</p>	<p>operations are carried out;</p> <p>(c) a rehabilitation certificate certifying the compliance with environmental management plan issued by the competent organ.</p> <p>(3) Relinquishment of a mining licence area is made taking into account any liabilities or duties incurred by the holder in relation to the area relinquished prior to the date of relinquishment as well as obligations imposed under Paragraph (2) of this Article.</p> <p><u>Article 27: Records and reports relating to the cancellation or expiration of a licence for exploration operations</u></p> <p>(1) Records and reports relating to exploration operations after expiration of an exploration licence belong to the holder of the exploration licence.</p> <p>(2) In case a licence for exploration</p>	<p>sont effectuées ;</p> <p>(c) un certificat de réhabilitation prouvant la conformité au programme de protection de l'environnement délivré par l'organe compétent.</p> <p>(3) La renonciation à un périmètre sous permis d'exploitation minière se fait en tenant compte des dettes ou obligations contractées par le titulaire par rapport au périmètre remis avant la date de la renonciation ainsi que des obligations imposées au titre du paragraphe (2) du présent article.</p> <p><u>Article 27 : Documents et rapports relatifs à l'annulation ou à l'expiration d'un permis des opérations d'exploration minière</u></p> <p>(1) Les documents et rapports relatifs aux opérations d'exploration minière après l'expiration du permis d'exploration minière appartiennent au titulaire du permis d'exploration minière.</p> <p>(2) En cas d'annulation ou d'expiration d'un</p>
--	--	--

<p>by'ubushakashatsi rukuweho cyangwa rurangiye, umuntu waruhawe ntasabe ko rwongererwa igihe cyangwa ngo asabe uruhushya rw'ubucukuzi, mu gihe cy'imyaka ibiri, inyandiko zikubiyemo amakuru na raporo byerekeye urwo ruhushya bihinduka umutungo bwite wa Leta.</p> <p><u>UMUTWE WA IV: URUHUSHYA RWA KARIYERI</u></p> <p><u>Ingingo ya 28: Ubwoko bw'impushya za kariyeri</u></p> <p>(1) Ubwoko bw'impushya za kariyeri ni ubu bukurikira:</p> <p>(a) uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo;</p> <p>(b) uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo;</p> <p>(c) uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena ibigenderwaho mu gushyira kariyeri mu byiciro.</p>	<p>operations is cancelled or expires and the holder does not apply for renewal or for a mining licence within two years, all the records and reports in relation to that licence become the property of the State.</p> <p><u>CHAPTER IV: QUARRY LICENCE</u></p> <p><u>Article 28: Types of quarry licences</u></p> <p>(1) Types of quarry licences are as follows:</p> <p>(a) non-commercial small-scale quarry licence;</p> <p>(b) commercial small-scale quarry licence;</p> <p>(c) an industrial quarry licence.</p> <p>(2) regulations of the competent organ determine criteria for categorisation of quarries.</p>	<p>permis des opérations d'exploration et que le titulaire de ce permis ne demande pas le renouvellement ou le permis d'exploitation minière endéans deux ans, les documents et rapports relatifs à ce permis deviennent la propriété de l'État.</p> <p><u>CHAPITRE IV : PERMIS DE CARRIÈRE</u></p> <p><u>Article 28 : Types des permis de carrière</u></p> <p>(1) Les types des permis de carrière sont les suivants :</p> <p>(a) permis d'exploitation non-commerciale de carrière à petite échelle ;</p> <p>(b) permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle ;</p> <p>(c) permis d'exploitation de carrière industrielle.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent déterminent les critères de catégorisation des carrières.</p>
--	---	--

<p><u>Ingingo ya 29: Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri</u></p> <p>(1) Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda bushyikirizwa Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo bushyikirizwa Umuyobozi w'Akarere kariyeri iherereyemo, Urwego rubifitiye ububasha rukagenerwa kopi.</p> <p>(3) Ubusabe bw'uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo bushyikirizwa Umuyobozi w'Umurenge kariyeri iherereyemo, Umuyobozi w'Akarere akagenerwa kopi.</p> <p>(4) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena uburyo bwo gusaba n'ibyo usaba agomba kuba yujuje kugira ngo ahabwe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri.</p>	<p><u>Article 29: Application for a quarry exploitation licence</u></p> <p>(1) An application for an industrial quarry licence is addressed to the competent organ.</p> <p>(2) An application for a commercial small-scale quarry licence is addressed to the Administrative Head of the District where the quarry site is located with a copy to the competent organ.</p> <p>(3) An application for a non-commercial small-scale quarry licence is addressed to the Executive Secretary of the Sector where the quarry site is located with a copy to the Administrative Head of the District.</p> <p>(4) Regulations of the competent organ determine the application modalities and requirements of a quarry licence.</p>	<p><u>Article 29 : Demande d'un permis d'exploitation de carrière</u></p> <p>(1) La demande d'un permis d'exploitation de carrière industrielle est adressée à l'organe compétent.</p> <p>(2) Une demande d'un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle est adressée au responsable administratif du District où se trouve le site de la carrière et donne copie à l'organe compétent.</p> <p>(3) Une demande d'un permis d'exploitation de carrière non commerciale est adressée au Secrétaire Exécutif du Secteur où se trouve le site de la carrière et donne copie au responsable administratif du District.</p> <p>(4) Les règlements de l'organe compétent déterminent les modalités de demande et les conditions requises d'un permis d'exploitation de carrière.</p>
<p><u>Ingingo ya 30: Igihe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri rumara</u></p> <p>(1) Uruhushya rwo gucukura kariyeri nto</p>	<p><u>Article 30: Duration of a quarry licence</u></p> <p>(1) A non-commercial small-scale quarry</p>	<p><u>Article 30 : Durée d'un permis d'exploitation de carrière</u></p> <p>(1) Un permis d'exploitation non-commerciale</p>

<p>hadacuruzwa ibiyivuyemo rumara igihe cy'umwaka umwe ushobora kongerwa.</p> <p>(2) Uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo rugira agaciro mu gihe cy'imyaka itanu ishobora kongerwa.</p> <p>(3) Uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda rumara igihe kitarenze imyaka 15 kigenwa hashingiwe ku nyigo y'ishyirwa mu bikorwa ry'umushinga wa kariyeri yemejwe n'urwego rwa Leta rubifite mu nshingano ariko igihe cy'uruhushya gishobora kongerwa.</p>	<p>licence is valid for a period of one year renewable.</p> <p>(2) A commercial small-scale quarry licence is valid for a period of five years renewable.</p> <p>(3) An industrial quarry licence is valid for a period not exceeding 15 years determined based on the feasibility study of the quarry project approved by the relevant public organ but the licence duration is renewable.</p>	<p>de carrière à petite échelle est valable pour une période d'une année renouvelable.</p> <p>(2) Un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle est valable pour une période de cinq ans renouvelable.</p> <p>(3) Un permis d'exploitation de carrière industrielle est valide pour une période ne dépassant pas 15 ans déterminée sur base de l'étude de faisabilité du projet de carrière approuvée par l'organe public compétent mais le permis est renouvelable.</p>
<p><u>Ingingo ya 31: Gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri</u></p> <p>(1) Inyandiko isaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri ishyikirizwa umuyobozi bireba nk'uko biteganyijwe mu ngingo ya 31 y'iri tegeko.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena uburyo bwo gusaba kongererwa igihe cy'uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri.</p>	<p><u>Article 31: Application for renewal of a quarry licence</u></p> <p>(1) The application for renewal of a quarry licence is submitted to the relevant official in accordance with Article 31 of this Law.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the application modalities for the renewal of a quarry licence.</p>	<p><u>Article 31 : Demande de renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière</u></p> <p>(1) La demande de renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière est soumise à l'autorité concerné conformément à l'article 31 de la présente loi.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent déterminent les modalités de demande de renouvellement d'un permis d'exploitation de carrière.</p>

<p><u>Ingingo ya 32:</u> Ihererekanya ry'uruhushya rwa kariyeri</p> <p>(1) Uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo n'uruhushya rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda nizo zonyine zishobora guhererekanywa.</p> <p>(2) Iyo iryo hererekanya rimaze kwandikwa, uwegukanye uruhushya rwa kariyeri niwe ubona uburenganzira kandi akubahiriza inshingano, ibindi bikorwa n'imyenda byabazwaga uwari usanganywe uruhushya.</p> <p>(3) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena ibisabwa n'uburyo ihererekanywa ry'impushya za kariyeri zivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo bikorwa.</p>	<p><u>Article 32:</u> Transfer of a quarry licence</p> <p>(1) Only commercial small-scale quarry licence and an industrial quarry licence may be transferred.</p> <p>(2) Upon the registration of the transfer of a quarry licence, the transferee assumes and is responsible for all rights, duties, other activities and liabilities of the transferor under the quarry licence.</p> <p>(3) Regulations of the competent organ determine the requirements and modalities for transfer of quarry licences referred to under Paragraph (1) of this Article.</p>	<p><u>Article 32 :</u> Transfert d'un permis de carrière</p> <p>(1) Seuls le permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle et le permis d'exploitation de carrière industrielle sont transférables.</p> <p>(2) Lors de l'enregistrement du transfert d'un permis de carrière, le cessionnaire hérite de tous les droits, obligations, autres activités et responsabilités du cédant en vertu du permis de carrière.</p> <p>(3) Les règlements de l'organe compétent déterminent les exigences et les modalités de transfert des permis de carrière visés au paragraphe (1) du présent article.</p>
<p><u>Ingingo ya 33:</u> Uburenganzira bw'umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri</p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo cyangwa kariyeri yo mu rwego rw'inganda afite uburenganzira bwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi,</p>	<p><u>Article 33:</u> Rights of the holder of a quarry licence</p> <p>(1) The holder of a commercial small-scale quarry licence or industrial quarry licence has the right to conduct exploration operations, extract, transport, sell, use, process and add value to</p>	<p><u>Article 33:</u> Droits du titulaire d'un permis de carrière</p> <p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle ou d'exploitation de carrière industrielle a le droit de mener des opérations d'exploration, d'extraire, de transporter, de</p>

<p>gucukura, gutwara, kugurisha, gukoresha, gutunganya no kongerera agaciro ibiyivuyemo.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo afite uburenganzira bwo kuyicukura, gutwara no gukoresha ibiyivuyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 34: Inshingano z’umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri afite inshingano zikurikira:</p> <p>(a) gutanga raporo nk’uko bigenwa n’amabwiriza y’Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(b) kwishyura ubukode ku butaka n’indi mitungo yangijwe biturutse ku bikorwa bikorerwa muri kariyeri yaherewe uruhushya;</p> <p>(c) gukora ku buryo ibikorwa by’ubucukuzi bwa kariyeri bikorwa hubahirizwa ibipimo ngenderwaho by’ubuzima n’umutekano n’iby kurengera ibidukikije, birimo ibipimo</p>	<p>products obtained from quarry.</p> <p>(2) The holder of a non-commercial small-scale quarry licence has the right to extract, transport and use quarry products obtained from quarry.</p> <p><u>Article 34: Obligations of the holder of a quarry licence</u></p> <p>The holder of a quarry licence has the following obligations:</p> <p>(a) provide reports as determined by regulations of the competent organ;</p> <p>(b) pay leasing fees and compensation for land and other property damage resulting from quarry operations in the licence area;</p> <p>(c) ensure that the quarry operations are carried out in accordance with applicable health, safety and environmental protection standards, including standards necessary to protect the health and safety of</p>	<p>vendre, d’utiliser, de traiter et d’ajouter la valeur aux produits obtenus de la carrière.</p> <p>(2) Le titulaire d’un permis d’exploitation non-commerciale de carrière a le droit d’extraire, de transporter et d’utiliser les produits obtenus de la carrière.</p> <p><u>Article 34 : Obligations du titulaire d’un permis de carrière</u></p> <p>Le titulaire d’un permis de carrière a les obligations suivantes :</p> <p>(a) faire les rapports déterminés par les règlements de l’organe compétent ;</p> <p>(b) payer des droits de location et des indemnités pour les dommages causés aux terres et aux autres biens par les opérations de carrière sur le périmètre sous permis ;</p> <p>(c) s’assurer que les opérations de carrière sont effectuées conformément aux normes de santé, de sécurité et de protection de l’environnement applicables, y compris les normes nécessaires pour protéger la santé et la</p>
---	--	---

<p>ngenderwaho byo kubahiriza ubuzima n'umutekano by'abagore;</p> <p>(d) gutanga imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>women;</p> <p>(d) pay taxes and duties in accordance with relevant laws.</p>	<p>sécurité des femmes ;</p> <p>(d) payer les impôts et taxes conformément à la législation en la matière.</p>
<p><u>Ingingo ya 35: Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri</u></p>	<p><u>Article 35: Relinquishment of a quarry licence area</u></p>	<p><u>Article 35 : Renonciation à un périmètre sous permis d'exploitation de carrière</u></p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri ashobora gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya cyangwa igice cy'aho kandi agomba:</p> <p>(a) guha Urwego rubifitiye ububasha cyangwa urwego rwatanze uruhushya rwa kariyeri integuza y'iminsi itari muni ya 30 ku ruhushya rwa kariyeri nto idacuruza ibiyivuyemo n'iminsi 60 ku zindi mpushya za kariyeri;</p> <p>(b) kubahiriza ibisabwa n'uruhushya rwa kariyeri;</p> <p>(c) gutanga raporo irambuye nk'uko bisabwa, irimo amakuru yose ajyanye n'ibikorwa byakorewe ahantu hasubizwa;</p>	<p>(1) The holder of a quarry licence may relinquish the whole or part of a quarry licence area and must:</p> <p>(a) give to the competent organ or the organ that issued the quarry licence, not less than 30 days' notice for non- commercial small-scale quarry and 60 days' notice for other quarry licences;</p> <p>(b) comply with terms and conditions of the quarry licence;</p> <p>(c) submit a detailed report as prescribed, containing all information on activities carried out in the relinquished area;</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploitation de carrière peut renoncer à tout ou partie d'un périmètre sous permis de carrière et doit :</p> <p>(a) donner à l'organe compétent ou à l'organe qui a délivré le permis d'exploitation de carrière, un préavis d'au moins 30 jours pour la carrière non commerciale à petite échelle et un préavis d'au moins 60 jours pour les autres permis d'exploitation de carrière;</p> <p>(b) se conformer aux termes et conditions du permis de carrière ;</p> <p>(c) transmettre un rapport détaillé tel que prescrit contenant toutes les informations sur les activités menées sur le périmètre renoncé ;</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>(d) gutanga ikarita n'ibipimo ndangahantu by'ahasabirwa gusubizwa.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rwa kariyeri mbere yo gusubiza ahantu yaherewe uruhushya agomba mu gihe cyagenwe:</p> <p>(a) gutanga icyemezo cy'uko nta misoro arimo cyatanzwe n'Ubuyobozi bw'imisoro;</p> <p>(b) gutanga icyemezo cy'uko nta myenda abereyemo abakozi cyatanzwe n'ibiro by'ubugenzuzi bw'umurimo mu Karere akoreramo.</p> <p>(3) Gusubiza ahantu hatangiwe uruhushya rwa kariyeri ntibigomba kubangamira iyishyurwa ry'imyenda cyangwa inshingano umuntu wahawe uruhushya afite zirebana n'ahantu hasubizwa mbere y'itariki yo kuhasubiza, kimwe n'inshingano ziteganywa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo.</p>	<p>(d) provide a map with coordinates of the area to be relinquished.</p> <p>(2) The holder of a quarry licence must, within a prescribed period, before relinquishment of a quarry licence area:</p> <p>(a) submit a tax clearance certificate issued by the tax administration;</p> <p>(b) submit a certificate of no debt to the employees issued by the labour inspectorate of the District where the holder operates.</p> <p>(3) The relinquishment of a quarry licence area is made without prejudice to any liabilities or duties incurred by the holder in relation to the area relinquished prior to the date of relinquishment as well as duties imposed under Paragraph (2) of this Article.</p>	<p>(d) fournir une carte avec les coordonnées de la zone à renoncer.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis d'exploitation de carrière doit, dans un délai prescrit, avant la remise du périmètre sous permis d'exploitation de carrière :</p> <p>(a) présenter une attestation de non créance fiscale délivrée par l'administration fiscale ;</p> <p>(b) présenter une attestation de non créance envers les employés émise par le service d'inspection du travail du District où il exerce son activité.</p> <p>(3) La renonciation à un périmètre sous permis de carrière se fait sans préjudice aux dettes ou obligations contractées par le titulaire par rapport au périmètre renoncé avant la date de la renonciation ainsi que les obligations imposées au titre du paragraphe (2) du présent article.</p>
--	---	---

<p><u>Ingingo ya 36:</u> Ibangikana ry’uruhushya rwa kariyeri n’uruhushya rw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro</p> <p>Uruhushya rwa kariyeri n’urw’ubucukuzi bw’amabuye y’agaciro zishobora gutangwa ahantu hamwe mu gihe Urwego rubifitiye ububasha rusanze ibyo bikorwa byombi bitabangamirana.</p> <p><u>Ingingo ya 37:</u> Ibikorwa nyuma yo guhagarika by’agateganyo cyangwa gukuraho uruhushya burundu</p> <p>(1) Iyo Urwego rubifitiye ububasha rufashe icyemezo cyo guhagarika uruhushya by’agateganyo, ruha umuntu wahawe uruhushya igihe mu nyandiko kugira ngo akosore ibyo atubahirije. Iyo amaze gukosora ibyo atubahirije, Urwego rubifitiye ububasha rumwemerera mu nyandiko gusubukura imirimo.</p> <p>(2) Iyo Urwego rubifitiye ububasha rufashe icyemezo cyo gukuraho uruhushya burundu ruha uwo rwahagarikiye uruhushya iminsi 90 kugira ngo akore ibikorwa by’isubirany aho biri ngombwa, yishyure imyenda n’ibindi bikorwa byagaragazwa n’Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p><u>Article 36:</u> Coexistence of a quarry licence and a mining licence</p> <p>A quarry licence and a mining licence may be granted in the same area provided that the competent organ finds that the operations will not interfere with the each other.</p> <p><u>Article 37:</u> Measures taken following temporally suspension or cancellation of a licence</p> <p>(1) Where the competent organ decides to temporarily suspend a licence, it notifies in writing the licence holder of a remedy period. After the licence holder has remedied the issue, the competent organ authorises the licence holder, through a written notice, to resume operations.</p> <p>(2) When the competent organ decides to cancel the licence, it provides a period of 90 days for the holder of a cancelled licence to ensure site rehabilitation where necessary, to clear liabilities and discharge of any other activity as may be indicated by the competent organ.</p>	<p><u>Article 36 :</u> Coexistence d’un permis d’exploitation de carrière et d’un permis d’exploitation minière</p> <p>Un permis d’exploitation de carrière et un permis d’exploitation minière peuvent être octroyés sur le même périmètre à condition que l’organe compétent détermine que les opérations n’interféreront pas l’une avec l’autre.</p> <p><u>Article 37:</u> Mesures prises après la suspension provisoire ou l’annulation du permis</p> <p>(1) Lorsque l’organe compétent décide de suspendre provisoirement un permis, il accorde au titulaire du permis, par écrit, une période de rectification. Après que le titulaire du permis a rectifié le problème signalé, l’organe compétent autorise le titulaire du permis par écrit, à reprendre ses activités.</p> <p>(2) Lorsque l’organe compétent décide de révoquer le permis, il accorde un délai de 90 jours au titulaire du permis révoqué pour assurer la réhabilitation du terrain, si nécessaire, s’acquitter des dettes et de toute autre activité pouvant être indiquée par l’organe compétent.</p>
---	---	--

<p>UMUTWE WA V: KUBUNGABUNGA IBIDUKIKIJE, UBUZIMA N'UMUTEKANO</p>	<p>CHAPTER V: ENVIRONMENT PROTECTION, HEALTH AND SAFETY</p>	<p>CHAPITRE V : PROTECTION DE L'ENVIRONNEMENT, SANTÉ ET SÉCURITÉ</p>
<p><u>Ingingo ya 38: Iyubahirizwa ry'amategeko agenga ibidukikije</u></p>	<p><u>Article 38: Complying with environmental laws</u></p>	<p><u>Article 38 : Conformité aux lois en matière d'environnement</u></p>
<p>Mbere yo gutangira ibikorwa, umuntu wemerewe uruhushya rwo –</p>	<p>Before commencing operations, the holder of–</p>	<p>Avant de commencer les opérations, le titulaire du –</p>
<p>(a) gukora ibikorwa by'ubushakashatsi,</p> <p>(b) gucukura amabuye y'agaciro mu kirombe gito, igiciriritse cyangwa ikinini;</p> <p>(c) gutunganya amabuye y'agaciro;</p> <p>(d) gucukura kariyeri nto hacuruzwa ibiyivuyemo cyangwa rwo gucukura kariyeri yo mu rwego rw'inganda;</p>	<p>(a) exploration operations licence;</p> <p>(b) small, medium and large-scale mining licence;</p> <p>(c) mineral processing licence;</p> <p>(d) commercial small-scale quarry licence or industrial quarry licence;</p>	<p>(a) permis des opérations d'exploration ;</p> <p>(b) permis d'exploitation minière à petite, moyenne et grande échelle ;</p> <p>(c) permis de traitement de minerais ;</p> <p>(d) permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle ou permis d'exploitation de carrière industrielle ;</p>
<p>ashyikiriza Urwego rubifitiye ububasha raporo ku nyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije n'imibereho myiza y'abaturage yemejwe n'umuyobozi bireba.</p>	<p>submits to the competent organ a report on the study on environmental impact assessment and social welfare approved by the relevant official.</p>	<p>soumet à l'organe compétent un rapport de l'étude de l'impact environnemental et du bien-être social approuvé par l'autorité concernée.</p>

<p><u>Ingingo ya 39: Gusubiranya ahantu hangijwe</u></p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya agomba gusana, gusiba imyobo n'ibisimu, gutera ibiti, gukuraho inyubako no kuringaniza ahakorewe ibikorwa by'ubushakashatsi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri hashingiwe ku nyigo y'isuzumangaruka ku bidukikije kandi hubahirijwe itegeko rigenga ibidukikije.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha ashobora kugena ibindi bikorwa bijyanye no gusubiranya.</p>	<p><u>Article 39: Rehabilitation of damaged areas</u></p> <p>(1) The holder of a licence is bound to the rehabilitation, reinstatement of boreholes and excavations, afforestation, removing buildings and levelling, of any part affected by exploration, mining or quarry operations basing on the environmental impact assessment and in compliance with the law on environment.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ may determine additional rehabilitation activities.</p>	<p><u>Article 39 : Réhabilitation des périmètres endommagés</u></p> <p>(1) Le titulaire d'un permis doit faire la réhabilitation, la remise en état des trous de forage et des excavations, le reboisement, l'enlèvement des bâtiments et le nivellement du périmètre d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière sur base de l'étude d'impact environnemental et en conformité avec la loi sur l'environnement.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent peuvent déterminer des activités supplémentaires relatives à la réhabilitation.</p>
<p><u>Ingingo ya 40: Gahunda y'isubiranya</u></p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi, urwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri agomba kugira gahunda y'isubiranya igaragaza ibikorwa biteganyijwe n'ingengo y'imari igendanye nabyo.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya akomeza kubazwa ibijyanye n'iyubahirizwa ry'ibidukikije kugeza ahawe</p>	<p><u>Article 40: Rehabilitation plan</u></p> <p>(1) The holder of a licence for exploration, mining or quarry operations must have a rehabilitation plan which shows the planned activities and related budget.</p> <p>(2) The holder of a licence remains liable for environmental protection until a final rehabilitation certificate is issued by the</p>	<p><u>Article 40 : Plan de réhabilitation</u></p> <p>(1) Le titulaire d'un permis des opérations d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière doit avoir un plan de réhabilitation indiquant les activités prévues et le budget y relatif.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis reste toujours responsable en rapport avec la protection de l'environnement jusqu'à ce qu'il soit</p>

<p>icyemezo cy'isubiranya gitangwa n'urwego rufite kubungabunga ibidukikije mu nshingano.</p>	<p>authority in charge of environmental protection.</p>	<p>muni d'un certificat de réhabilitation émis par l'organe ayant la protection de l'environnement dans ses attributions.</p>
<p><u>Ingingo ya 41: Ingwate yo gusubiranya</u></p>	<p><u>Article 41: Rehabilitation guarantee</u></p>	<p><u>Article 41 : Caution de réhabilitation</u></p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi, urwo gucukura amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri agomba gutanga ingwate yo gusubiranya.</p> <p>(2) Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha akena ubwoko, ingano n'uburyo bw'itangwa ry'ingwate yo gusubiranya.</p>	<p>(1) The holder of exploration, mining or quarry operations is required to provide a rehabilitation guarantee.</p> <p>(2) Regulations of the competent organ determine the nature and amount of rehabilitation guarantee and well as modalities for depositing it.</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploration, d'exploitation minière ou de carrière doit fournir une caution de réhabilitation.</p> <p>(2) Les règlements de l'organe compétent déterminent la nature et le montant de la caution de réhabilitation ainsi que les modalités de son dépôt.</p>
<p><u>Ingingo ya 42: Ubuzima n'umutekano by'abakozi n'abandi bantu</u></p>	<p><u>Article 42: Health and safety of workers and other persons</u></p>	<p><u>Article 42 : Santé et sécurité des travailleurs et d'autres personnes</u></p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya agomba:</p> <p>(a) gukora ku buryo ikirombe gicukurwa, kibungwabungwa kikanafungwa mu buryo butabangamira ubuzima n'umutekano by'abakozi ndetse n'abandi bantu;</p> <p>(b) gukora ku buryo abantu bose bakora mu kirombe bagira ubumenyi n'ubushobozi buhagije</p>	<p>(1) A holder of a licence must:</p> <p>(a) ensure that the mine is commissioned, maintained and decommissioned in a manner that does not compromise the health and safety of workers and other people;</p> <p>(b) ensure that all persons working at the mine have the necessary skills, competence and resources to carry</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis doit :</p> <p>(a) veiller à ce que la mine soit exploitée, entretenue et déclassée de façon que la santé et la sécurité des employés ou de toute autre personne ne soient pas en danger ;</p> <p>(b) veiller à ce que toutes les personnes travaillant à la mine aient les connaissances, les compétences et les</p>

<p>bwo gukora akazi kabo mu mutekano no kubungabunga umutekano w'abandi.</p> <p>(2) Iyo umukozi ubifitiye ububasha abona ko ibikorwa bishobora kubangamira cyangwa guhungabanya ubuzima n'umutekano by'umuntu, uwo mukozi ashobora gufata icyemezo cyihuse.</p> <p>(3) Icyemezo kivugwa mu gika cya (2) cy'iyi ngingo gishobora gutegeka ko icyagaragaye ko cyateza impanuka gikosorwa ako kanya cyangwa mu gihe gito gishoboka cyangwa kigahagarika by'agateganyo ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri kugeza igihe gikosorewe.</p> <p>(4) Iyo umuntu wahawe uruhushya atishimiye icyemezo yafatiwe n'umukozi ubifitiye ububasha ashobora kukijuririra ku muyobozi w'urwego rwatanze uruhushya.</p>	<p>out their work safely and to ensure the safety of others.</p> <p>(2) Where the authorised officer considers that the operations may compromise or endanger the health and safety of a person, that officer may make an urgent decision.</p> <p>(3) The decision referred to under paragraph (2) of this Article may require the identified danger to be rectified immediately or within the shortest time possible or that the mining or quarry operations be suspended until the danger is eliminated.</p> <p>(4) In case the licence holder is aggrieved by the decision of an authorised officer, he or she may appeal against such a decision to the head of the organ which issued the licence.</p>	<p>ressources nécessaires pour faire leur travail en toute sécurité et assurer la sécurité d'autrui.</p> <p>(2) Lorsque l'agent autorisé estime que les opérations peuvent compromettre ou mettre en danger la santé et la sécurité d'une personne, cet agent peut prendre une décision urgente.</p> <p>(3) La décision visée au paragraphe (2) du présent article peut exiger que le danger identifié soit corrigé, soit immédiatement, soit dans les plus brefs délais ou ordonner que les opérations minières ou de carrières soient suspendues jusqu'à ce que le danger soit éliminé.</p> <p>(4) Lorsque le titulaire d'un permis n'est pas satisfait de la décision de l'agent autorisé, il peut faire recours auprès du responsable de l'organe qui a délivré le permis.</p>
---	---	--

<p><u>Ingingo ya 43:</u> Gukoresha intambi mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri</p> <p>(1) Gutumiza no kohereza mu mahanga intambi, kuzikora, kuzitwara, kuzicuruza, kuzihererekanya cyangwa kuzikoresha mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro na kariyeri bitangirwa uruhushya na Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano abisabwe n'Urwego rubifitiye ububasha.</p> <p>(2) Birabujijwe gukoresha intambi zarengaje igihe.</p> <p>(3) Iteka rya Minisitiri ufite umutekano w'imbere mu Gihugu mu nshingano akena ibisabwa mu gutanga uruhushya ruvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo.</p>	<p><u>Article 43:</u> Use of dynamites in mining and quarry operations</p> <p>(1) Importation and exportation, manufacturing, transportation, trading, transferring or use of dynamites in mining and quarry operations require prior authorisation of the Minister in charge of internal security upon the recommendation of the competent organ.</p> <p>(2) It is prohibited to use expired dynamites.</p> <p>(3) An Order of the Minister in charge of internal security determine requirements for granting the authorisation referred to under Paragraph (1) of this Article.</p>	<p><u>Article 43 :</u> Usage de dynamites dans les opérations minières et de carrière</p> <p>(1) L'importation et exportation, la fabrication, le transport, le commerce, le transfert ou l'utilisation des dynamites dans l'exploitation des mines et des carrières requièrent l'autorisation préalable du Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions sur proposition de l'organe compétente.</p> <p>(2) Il est interdit d'utiliser des dynamites périmées.</p> <p>(3) Un arrêté du Ministre ayant la sécurité intérieure dans ses attributions détermine les conditions requises pour l'obtention de l'autorisation visée au paragraphe (1) du présent article.</p>
<p><u>UMUTWE WA VI: INGINGO ZEREKEYE IMARI</u></p>	<p><u>CHAPTER VI: FINANCIAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE VI : DISPOSITIONS RELATIVES AUX FINANCES</u></p>
<p><u>Ingingo ya 44:</u> Raporo y'umwaka w'ibaruramari</p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya agomba, mu gihe cy'amezi atatu akurikira impera y'umwaka w'ibaruramari,</p>	<p><u>Article 44:</u> Annual financial statement</p> <p>(1) The holder of a licence must, within three months following the end of financial year, submit to the competent organ and</p>	<p><u>Article 44 :</u> Rapport annuel des états financiers</p> <p>(1) Le titulaire d'un permis doit, endéans trois mois après la fin de l'exercice fiscal, soumettre à l'organe compétent et à</p>

<p>gushyikiriza Urwego rubifitiye ububasha n'Ubuyobozi bw'imisoro kopi ya raporo y'ibaruramari y'umwaka yagenzuwe hakurikijwe ibipimo ngenderwaho mpuzamahanga mu bijyanye na raporo y'ibaruramari.</p> <p>(2) Raporo ivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo ntireba umuntu wahawe uruhushya rwo gucukura kariyeri nto hadacuruzwa ibiyivuyemo.</p> <p><u>Ingingo ya 45: Ibitabo by'ibaruramari</u></p> <p>Iyo umuntu wahawe uruhushya akoze ibikorwa bidafitanye isano n'ibikorwa bitangirwa uruhushya muri iri tegeko, agomba kugira ibitabo by'ibaruramari byihariye byerekeranye n'ibikorwa yaherewe uruhushya.</p> <p><u>Ingingo ya 46: Imisoro n'amahoro ku mabuye y'agaciro cyangwa kariyeri</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa urwo gucukura kariyeri atanga imisoro n'amahoro hakurikijwe amategeko abigenga.</p>	<p>the Tax administration a copy of audited annual financial statement of the holder, in accordance with International Financial Reporting Standards.</p> <p>(2) The statement referred to under Paragraph (1) of this Article does not concern the holder of a non-commercial small-scale quarry licence.</p> <p><u>Article 45: Books of accounts</u></p> <p>In case the holder of a licence is engaged in any activity not connected with the licensed operations under this Law, the holder must maintain separate books of accounts for licenced operations.</p> <p><u>Article 46: Minerals or quarry taxes and royalties</u></p> <p>The holder of a mining or quarry licence pays taxes and other fees in accordance with relevant legislation.</p>	<p>l'administration fiscale une copie du rapport annuel des états financiers audités, conformément aux normes internationales d'information financière.</p> <p>(2) Le rapport visé au paragraphe (1) du présent article ne concerne pas le titulaire de permis d'exploitation non-commerciale de carrière à petite échelle.</p> <p><u>Article 45 : Livres comptables</u></p> <p>Lorsque le titulaire d'un permis s'est engagé dans les activités différentes de celles dont il a le permis conformément à la présente loi, il doit avoir les livres particuliers de ses activités stipulées dans le permis.</p> <p><u>Article 46 : Taxes et redevances sur les minerais ou carrières</u></p> <p>Le titulaire d'un permis d'exploitation minière ou de carrière paie les taxes et redevances conformément à la législation en la matière.</p>
--	--	--

<p><u>Ingingo ya 47: Amafaranga yishyurwa kuri serivisi z'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa ibya kariyeri</u></p> <p>Amabwiriza y'Urwego rubifitiye ububasha agena amafaranga ya serivisi atangwa n'usaba cyangwa umuntu wahawe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa ibya kariyeri.</p> <p><u>Ingingo ya 48: Ishoramari rya Leta</u></p> <p>Leta ishobora kugira imigabane mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa kariyeri, hakurikijwe ingingo zumvikanyweho hagati y'umuntu wahawe uruhushya na Leta.</p> <p><u>Ingingo ya 49: Imigabane ya Leta itishyurirwa</u></p> <p>(1) Itangwa ry'uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro rishobora guhesha Leta kugira uburenganzira ku migabane itishyurirwa.</p> <p>(2) Iteka rya Minisitiri ufite ishoramari rya Leta mu nshingano rigena ingano n'uburyo imigabane ya Leta itishyurirwa itangwa.</p>	<p><u>Article 47: Service fees related to mining or quarry operations</u></p> <p>Regulations of the competent organ set service fees payable by an applicant or a licence holder of a mining or quarry operations.</p> <p><u>Article 48: Government investment</u></p> <p>The Government may acquire on such terms as agreed upon between the holder of a licence and the Government, shares in mining or quarry operations.</p> <p><u>Article 49: Government free carried interest</u></p> <p>(1) The grant of a mining licence may entitle the government with free carried interest.</p> <p>(2) An order of the Minister in charge of Government investment determines the number and modalities for issuance of free carried interest.</p>	<p><u>Article 47 : Frais des services relatifs aux activités minières ou de carrière</u></p> <p>Les règlements émis par l'organe compétent fixent les frais payés par le demandeur ou le titulaire d'un permis des opérations d'exploitation minière ou de carrière.</p> <p><u>Article 48 : Investissement de l'État</u></p> <p>Le Gouvernement peut acquérir, à des conditions qui sont convenues entre le titulaire d'un permis et le Gouvernement des actions dans les opérations minières ou de carrière.</p> <p><u>Article 49 : Intérêt passif de l'Etat</u></p> <p>(1) L'octroi d'un permis d'exploitation minière peut garantir à l'État le droit d'obtenir l'intérêt passif.</p> <p>(2) Un arrêté du ministre ayant des investissements de l'État dans ses attributions détermine le nombre et les modalités d'émission l'intérêt passif.</p>
--	---	--

UMUTWE WA VII: AMAKOSA N'IBIHANO	CHAPTER VII: FAULTS AND SANCTIONS	CHAPITRE VII : FAUTES ET SANCTIONS
<p><u>Icyiciro cya mbere:</u> Amakosa n'ibihano byerekeranye n'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</p>	<p><u>Section One:</u> Faults and sanctions relating to mining operations</p>	<p><u>Section première :</u> Fautes et sanctions relatives aux opérations minières</p>
<p><u>Ingingo ya 50:</u> Kutagaragaza inkomoko y'amabuye y'agaciro</p>	<p><u>Article 50:</u> Failure to indicate the origin of minerals</p>	<p><u>Article 50 :</u> Défaut d'indiquer l'origine des minerais</p>
<p>Umuntu ufatanywe amabuye y'agaciro utagaragaza inkomoko yayo aba akoze ikosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 10% by'agaciro k'ayo mabuye y'agaciro kandi n'ayo mabuye y'agaciro akayamburwa, kugira ngo atezwe cyamunara n'Urwego rubifitiye ububasha.</p>	<p>Any person caught with minerals without proof of their origin commit a fault, he or she is liable to an administrative fine equal to 10% of the value of the minerals and the minerals are confiscated with a view of selling them by auction by the competent organ.</p>	<p>Toute personne prise en possession de minerais sans indication de leur origine commet une faute, elle est passible d'une amende administrative équivalant à 10% de la valeur de ces minerais et ces derniers sont confisqués afin que l'organe compétent les vendent aux enchères.</p>
<p><u>Ingingo ya 51:</u> Kudatanga raporo, kubika ibyangombwa, guhagarika ibikorwa no kudateresha imbago</p>	<p><u>Article 51:</u> Failure to submit report, keeping documents, suspending activities and failure to fix boundaries</p>	<p><u>Article 51 :</u> Défaut de soumettre le rapport, conservation des documents, suspension des activités et non-fixation des bornes</p>
<p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ukoze kimwe muri ibi bikurikira:</p>	<p>A holder of a mining licence who commits one of the following acts:</p>	<p>Un titulaire d'un permis d'exploitation minière qui commet l'un des actes suivants:</p>
<p>(a) gutanga raporo akerewe cyangwa gushyira amakuru atari ukuri muri raporo;</p>	<p>(a) submitting delayed report or providing wrong information in the report;</p>	<p>(a) retard de soumission de rapports ou déclaration de fausses informations dans le rapport ;</p>
<p>(b) kubika ibyangombwa byerekeranye n'ibikorwa</p>	<p>(b) keeping documents related to mining operations outside the area of operations;</p>	<p>(b) tenue des documents relatifs aux opérations minières en dehors du</p>

Official Gazette n° Special of 24/07/2024

<p>by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro hanze y'aho akorera;</p> <p>(c) guhagarika ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro atamenyesheje Urwego rubifitiye ububasha;</p> <p>(d) kudatera imbago no kudashyiraho ibiranga ikirombe;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 500.000 FRW.</p> <p><u>Ingingo ya 52: Kutishyura amafaranga asabwa, ubwishingizi bw'abakozi no kwangira ubuyobozi kugera ahakorera imirimo</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro ukoze kimwe muri ibi bukurikira:</p> <p>(a) kutishyura amafaranga asabwa hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko;</p> <p>(b) kwangira umukozi ubifitiye ububasha cyangwa umuyobozi bireba kugera ahakorera ibikorwa</p>	<p>(c) suspension of mining operations without notifying the competent organ;</p> <p>(d) failure to fix boundaries and put sign posts in the mine;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to an administrative fine of FRW 500,000.</p> <p><u>Article 52: Failure to pay the required fees, insurance of employees and refusing access to authorities in operations area</u></p> <p>A holder of a mining licence who commits one of the following acts:</p> <p>(a) failing to make any of the payments required under this Law;</p> <p>(b) refusing to authorised officer or relevant official access to mining operations area;</p>	<p>périmètre d'opérations ;</p> <p>(c) suspension des opérations minières sans informer l'organe compétent ;</p> <p>(d) ne pas fixer des bornes et panneaux indicateurs dans la mine ;</p> <p>commet une faute, il est passible d'une amende administrative de 500.000 FRW.</p> <p><u>Article 52 : Non-paiement de frais requis, d'assurance des employés et refus d'accès à l'administration aux lieux des travaux</u></p> <p>Un titulaire d'un permis d'exploitation minière qui commet l'un des actes suivants :</p> <p>(a) ne pas effectuer les paiements requis par la présente loi ;</p> <p>(b) refus à l'agent autorisé ou à l'autorité concernée de visiter les lieux des opérations minières ;</p>
---	--	--

<p>by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;</p> <p>(c) kudaha abakozi ubwishingizi;</p> <p>(d) kudahemba abakozi mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga;</p> <p>(e) kudaha abakozi ibikoresho bya ngombwa bijyanye n'ubwirinzi mu bikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa guhagarikwa uruhushya by'agateganyo.</p> <p><u>Ingingo ya 53: Kudatangira ibikorwa, gukoresha uburiganya bugamije guhabwa uruhushya no kudakosora ibyatumye ahagarikwa by'agateganyo</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya ukoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>(a) kudatangira ibikorwa by'ubushakashatsi cyangwa iby'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro mu gihe cyagenwe nta mpamvu;</p>	<p>(c) failure to provide insurance cover to employees;</p> <p>(d) failure to provide employees with remuneration in accordance with relevant legislation;</p> <p>(e) failure to provide the required protection equipment to employees in mining operations;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to a provisional suspension of the licence.</p> <p><u>Article 53: Failure to start operations, use of fraud to obtain a licence and failure to remedy causes of provisional suspension</u></p> <p>A holder of licence who commits one of the following acts:</p> <p>(a) failure without cause to start mineral exploration or mining operations by the due period;</p>	<p>(c) ne pas fournir la couverture d'assurance aux employés ;</p> <p>(d) ne pas rémunérer les employés conformément à la législation en la matière ;</p> <p>(e) ne pas fournir les équipements de protection appropriés aux employés dans les opérations minières ;</p> <p>commet une faute, il est passible d'une suspension provisoire de son permis.</p> <p><u>Article 53 : Non-démarrage des opérations, manœuvres frauduleuses visant à obtenir un permis et défaut de remédier aux causes de suspension provisoire</u></p> <p>Un titulaire d'un permis qui commet l'un des actes suivants :</p> <p>(a) ne pas démarrer les opérations d'exploration ou d'exploitation minière dans le délai prévu sans motif ;</p>
--	---	--

<p>(b) kutariha ibyo asabwa mu nshingano ze nta mpamvu;</p> <p>(c) kutubahiriza ibikubiye mu ruhushya;</p> <p>(d) kutubahiriza ibikubiye mu cyemezo cy'ihagarika ry'agateganyo;</p> <p>(e) guhererekanya uruhushya hadakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa kwamburwa uruhushya burundu.</p> <p><u>Ingingo ya 54:</u> Kwimura, kwangiza, gukuraho cyangwa kurenga imbago z'ibipande byatangiwe uruhushya rw'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro</p> <p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rwo gukora ibikorwa by'ubushakashatsi cyangwa urw'ibikorwa by'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro wangiza cyangwa ukuraho imbago z'ahatangiwe uruhushya aba akoze ikosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu ingana na 5.000.000 FRW.</p>	<p>(b) failure without cause to meet payment obligations;</p> <p>(c) failure to comply with the terms and conditions of the licence;</p> <p>(d) failure to comply with the terms and conditions of the decision of provisional suspension;</p> <p>(e) transfer of licence without complying with provisions of this Law;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to the cancellation of the licence.</p> <p><u>Article 54:</u> Displacement, destruction, removal or crossing the demarcation features of the licenced mining blocs</p> <p>(1) A holder of a licence for exploration or mining operations who removes or destroys the demarcation features of a licence area, commits a fault, he or she is liable to an administrative fine of FRW 5,000,000.</p>	<p>(b) ne pas payer les dépenses obligatoires sans motif ;</p> <p>(c) ne pas respecter les conditions du permis;</p> <p>(d) ne pas respecter les conditions de la décision de suspension provisoire ;</p> <p>(e) transfert de permis sans se conformer aux dispositions de la présente loi ;</p> <p>commet une faute, il est passible de la révocation de son permis.</p> <p><u>Article 54</u> : Déplacement, destruction, enlèvement ou dépassement des bornes des blocs sous permis d'exploitation minière</p> <p>(1) Le titulaire d'un permis des opérations d'exploration ou d'exploitation minière qui enlève ou détruit les bornes du périmètre sous permis commet une faute, il est passible d'une amende administrative de 5.000.000 FRW.</p>
--	---	--

<p>(2) Umuntu wahawe uruhushya ruvugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo wimuye cyangwa wazanze imbago zatangiwe uruhushya aba akoze ikosa, kandi ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 10.000.000 FRW.</p>	<p>(2) A holder of the licence referred to in Paragraph (1) of this Article who displaces or crosses the demarcation features of a licence area, commits a fault and is liable to an administrative fine of FRW 10,000,000.</p>	<p>(2) Le titulaire d'un permis visé au paragraphe (1) du présent article qui déplace ou franchit les bornes du périmètre sous permis commet une faute et est passible d'une amende administrative de 10.000.000 FRW.</p>
<p><u>Ingingo ya 55: Kudasubiranya ahantu hangijwe</u></p>	<p><u>Article 55: Failure to rehabilitate damaged areas</u></p>	<p><u>Article 55 : Omission de réhabiliter des zones endommagées</u></p>
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya, udasana, udasiba imyobo n'ibisimu, udatara ibiti, udakuraho inyubako, utaringaniza ahakorewe ibikorwa by'ubushakashatsi cyangwa ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro aba akoze ikosa ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi itari munsi ya 5.000.000 FRW ariko itarenga 10.000.000 FRW kandi agategekwa gusubiranya ahantu hangijwe.</p>	<p>(1) A license holder who fails to rehabilitates, reinstate boreholes and excavations, make afforestation, remove buildings and level any part affected by exploration or mining operations commits a fault and is liable to an administrative fine of not less than FRW 5,000,000 but not exceeding FRW 10,000,000 and is ordered to make restitution.</p>	<p>(1) Une personne qui omet de réhabiliter, remettre en état des trous de forage et des excavations, de faire le reboisement, d'enlever des bâtiments, de reniveler le périmètre des opérations d'exploration ou d'exploitation minière commet une faute et est passible d'une amende administrative d'au moins 5.000.000 FRW mais ne dépassant pas 10.000.000 FRW et est soumise à la restitution.</p>
<p>(2) Iyo ikosa rivugwa mu gika cya (1) cy'iyi ngingo riteje iyangirika ry'ibikorwa remezo cyangwa imitungo y'abaturage, uwakoze ikosa ategukwa gusana cyangwa kuriha ibyangiritse.</p>	<p>(2) When the fault referred to in Paragraph (1) of this Article causes damages to infrastructure and community property, the wrongdoer is ordered to rehabilitate or compensate the damaged property.</p>	<p>(2) Lorsque la faute visée au paragraphe (1) du présent article provoque des dommages aux infrastructures ou aux biens de la population, l'auteur de la faute est condamné à réhabiliter ou à indemniser les biens endommagés.</p>

<p><u>Icyiciro cya 2: Amakosa n'ibihano byerekeranye n'ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri</u></p> <p><u>Ingingo ya 56: Kudatanga raporo, kubika ibyangombwa, guhagarika ibikorwa no kudateresha imbago</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri ukoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) gutanga raporo ukerewe cyangwa gushyira amakuru atari ukuri muri raporo; (b) kubika ibyangombwa byerekeranye n'ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri hanze y'aho akorera; (c) guhagarika ibikorwa bijyanye n'ubucukuzi bwa kariyeri utamenyesheje Urwego rubifitiye ububasha; (d) kudatera imbago no kudashyiraho ibiranga ahakorerwa ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri; <p>aba akoze ikosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsi ingana na 300.000 FRW.</p>	<p><u>Section 2: Faults and sanctions relating to quarry operations</u></p> <p><u>Article 56: Failure to submit report, keeping documents, suspending activities and failure to fix boundaries</u></p> <p>A holder of a licence for quarry operations who commits one of the following acts:</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) submitting delayed report or providing wrong information in the report; (b) keeping documents for quarry operations outside the operations area; (c) suspension of quarry operations without notifying the competent organ; (d) failure to fix boundaries and put sign posts in the area of quarry operations; <p>commits a fault, he or she is liable to an administrative fine of FRW 300,000.</p>	<p><u>Section 2 : Fautes et sanctions relatives à l'exploitation de carrière</u></p> <p><u>Article 56 : Défaut de soumettre le rapport, conservation des documents, suspension des activités et non-fixation des bornes</u></p> <p>Un titulaire d'un permis des opérations d'exploitation de carrière qui commet l'un des actes suivants :</p> <ul style="list-style-type: none"> (a) retard de soumission de rapports ou déclaration de fausses informations dans le rapport ; (b) tenue des documents relatifs aux opérations l'exploitation de carrière en dehors du périmètre des opérations ; (c) suspension des opérations d'exploitation de carrière sans informer l'organe compétent ; (d) ne pas fixer des bornes et panneaux indicateurs sur l'espace des opérations d'exploitation de carrière ; <p>commet une faute, il est passible d'une amende administrative de 300.000 FRW.</p>
---	--	--

<p><u>Ingingo ya 57: Kutishyura amafaranga asabwa, ubwishingizi bw'abakozi no kwangira umuyobozi bireba kugera ahakorerwa imirimo</u></p> <p>Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri ukoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>(a) kutishyura amafaranga asabwa hashingiwe ku biteganywa n'iri tegeko;</p> <p>(b) kwangira umukozi ubifitiye ububasha cyangwa umuyobozi bireba kugera ahakorerwa ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri;</p> <p>(c) kudaha abakozi ubwishingizi;</p> <p>(d) kudahemba abakozi mu buryo buteganywa n'amategeko abigenga;</p> <p>(e) kudaha abakozi ibikoresho bya ngombwa bijyanye n'ubwirinzi mu bikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa guhagarikirwa uruhushya by'agateganyo.</p>	<p><u>Article 57: Failure to pay the required fees, insurance of employees and refusing access to a relevant official in operations area</u></p> <p>(1) A holder of a licence for quarry operations who commits one of the following acts:</p> <p>(a) failing to make any of the payments required under this Law;</p> <p>(b) refusing to authorised officer or relevant official access to quarry operations areas;</p> <p>(c) failure to provide insurance cover to employees;</p> <p>(d) failure to provide employees with remuneration in accordance with relevant legislation;</p> <p>(e) failure to provide the required protection equipment to employees in quarry operations;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to a provisional suspension of the licence.</p>	<p><u>Article 57 : Non-paiement de frais requis, d'assurance des employés et refus à l'autorité concernée l'accès aux lieux des travaux</u></p> <p>(1) Un titulaire d'un permis des opérations d'exploitation de carrière qui commet l'un des actes suivants :</p> <p>(a) ne pas effectuer les paiements requis par la présente loi ;</p> <p>(b) refus à l'agent autorisé ou à l'autorité concernée de visiter les lieux des travaux d'exploitation de carrière ;</p> <p>(c) ne pas fournir la couverture d'assurance aux employés ;</p> <p>(d) ne pas rémunérer les employés conformément à la législation en la matière ;</p> <p>(e) ne pas fournir des équipements de protection appropriés aux employés dans les activités d'exploitation de carrière ;</p> <p>commet une faute, il est passible d'une suspension provisoire de son permis.</p>
---	---	--

<p>Ingingo ya 58: Kudatangira ibikorwa, kutubahiriza ibikubiye mu ruhushya cyangwa mu cyemezo cy'ihagarikwa ry'agateganyo cyangwa guhererekanya uruhushya hadakurikijwe amategeko</p> <p>Umuntu wahawe uruhushya ukoze kimwe muri ibi bikurikira:</p> <p>(a) kudatangira ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri mu gihe cyagenwe nta mpamvu;</p> <p>(b) kutubahiriza ibikubiye mu ruhushya;</p> <p>(c) kutubahiriza ibikubiye mu cyemezo cy'ihagarikwa ry'agateganyo;</p> <p>(d) guhererekanya uruhushya hadakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa kwamburwa uruhushya burundu.</p>	<p>Article 58: Failure to start operations, to comply with the terms and conditions of the licence or the decision of provisional suspension or transfer of licence without complying with the law</p> <p>A licence holder who commits one of the following acts:</p> <p>(a) failure without cause to start quarry operations by the due period;</p> <p>(b) failure to comply with the terms and conditions of the licence;</p> <p>(c) failure to comply with the terms and conditions of the decision of provisional suspension;</p> <p>(d) transfer of licence without complying with provisions of this Law;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to the cancellation of the licence.</p>	<p>Article 58 : Non-démarrage des opérations, non-respect des conditions du permis ou de la décision de suspension provisoire ou transfert de permis sans se conformer aux dispositions de la loi</p> <p>Un titulaire de permis qui commet l'un des actes suivants :</p> <p>(a) ne pas démarrer les opérations d'exploitation de carrière dans le délai prévu sans motif;</p> <p>(b) ne pas respecter les conditions du permis;</p> <p>(c) ne pas respecter les conditions de la décision de suspension provisoire;</p> <p>(d) transfert de permis sans se conformer aux dispositions de la présente loi;</p> <p>commet une faute, il est passible de la révocation de son permis.</p>
--	--	---

Ingingo ya 59: Kwangiza, gukuraho, kwimura cyangwa kurenga imbago z'ahatangiwe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri	Article 59: Destruction, removal, displacement, or crossing the demarcation features of the quarry operations' licence area	Article 59 : Destruction, enlèvement, déplacement, ou dépassement des bornes du périmètre sous permis d'exploitation de carrière
<p>(1) Umuntu wahawe uruhushya rw'ibikorwa by'ubucukuzi bwa kariyeri yo ku rwego rw'inganda –</p> <p>(a) wangiza cyangwa ukuraho imbago z'ahatangiwe uruhushya;</p> <p>(b) wimura cyangwa urenga imbago z'ahatangiwe uruhushya;</p> <p>aba akoze ikosa, ahanishwa ihazabu yo mu rwego rw'ubutegetsu ingana na 1.000.000 FRW.</p> <p>(2) Umuntu wahawe uruhushya rw'ubucukuzi bwa kariyeri nto icukurwa hacuruzwa ibivuyemo –</p> <p>(a) wangiza cyangwa ukuraho imbago z'ahatangiwe uruhushya;</p> <p>(b) cyangwa wimura cyangwa urenga imbago z'ahatangiwe uruhushya;</p>	<p>(1) A holder of industrial quarry operations' licence –</p> <p>(a) who destroys or removes the demarcation features of a licence area;</p> <p>(b) who displaces or crosses the demarcation features of a licence area;</p> <p>commits a fault, he or she is liable to an administrative fine of FRW 1,000,000.</p> <p>(2) A holder of a commercial small-scale quarry licence who –</p> <p>(a) destroys or removes the demarcation features of a licence area;</p> <p>(b) or displaces or crosses the demarcation features of a licence area;</p>	<p>(1) Le titulaire d'un permis d'exploitation de carrière industrielle –</p> <p>(a) qui détruit ou enlève les bornes du périmètre sous permis ;</p> <p>(b) qui déplace ou franchit les bornes du périmètre sous permis ;</p> <p>commet une faute, il est passible d'une amende administrative de 1.000.000 FRW.</p> <p>(2) Le titulaire d'un permis d'exploitation commerciale de carrière à petite échelle qui–</p> <p>(a) détruit ou enlève les bornes du périmètre sous permis ;</p> <p>(b) ou déplace ou franchit les bornes du périmètre sous permis ;</p>

